

# Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

## A. Amabwiriza/Instructions

N° 01/09 yo kuwa 15/09/2016

Amabwiriza y’Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali yerekeye isuku mu Mujyi wa Kigali.....2

## B. Umuryango/Organisation

- LES PERES BENEDICTINS DE GIHINDAMUYAGA.....45

## C. Guhindura amazina/Change of names/Changement de noms

- TWONGIRWE Bosco .....47  
- KAYITESI Melysa.....48  
- NTAWUMENYUMUNSI IDUHIRE Christine.....48  
- KAYUMBA Patrick.....49  
- UMURERWA Angélique.....49  
- RIZINDE UWAMURERA MUJAHIDA.....50  
- SEMASAKA Eriel.....50  
- RWEGO GASANA Charles.....51  
- KINANI Delphine.....51  
- JANUARY Narcisse.....52

## D. Amakoperative/Cooperatives/Coopératives

- JYAMBERE GISENYI .....53  
- KIDACO.....54  
- KOPAKU.....55  
- KOAKINA.....56  
- KOIKI .....57  
- CVP.....58  
- CTPMH.....59  
- COTAVESA.....60  
- JYAMBERE MUHINZI MWOROZI BWISIGE .....61  
- TUGIRE UBUZIMA BWIZA KAMUBUGA .....62  
- MISIC.....63  
- TUGIRE UBUKIRE KAWA NGOMA .....64  
- GIRUBUZIMA - RUGALIKA .....65  
- TPC .....66  
- JYAMBERE.....67  
- KOPABA CYINZUZI .....68  
- KOABAKI IBAKWE.....69  
- KINYAGA Y’ABATO .....70  
- NZAHAHA NEW HOPE COOPERATIVE .....71  
- IGIRE NYAKARENZO .....72  
- KOGIGA.....73  
- GPPC .....74

**Official Gazette n° 10 of 05/03/2018**

- KOKOWIRWI.....	75
- UCOKA.....	76
- KOTENYA.....	77
- KOGIMWONKO.....	78
- ICYEREKEZO BUTARE.....	79
- INGABONZIZA.....	80

**AMABWIRIZA N° 01/09 YO KUWA 15/09/2016 Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI  
WA KIGALI YEREKEYE ISUKU MU MUJYI WA KIGALI**

**Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;**

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda mu ngingo ya 4, iya 7 igika cya 3, iya 81-84, iya 90, n'iya 96-109;

Ishingiye ku Itegeko n° 43/2013 ryo ku wa 16/6/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda; mu ngingo ya 2 igika cya kabiri, iya 6, iya 13 n'iya 19;

Ishingiye ku Itegeko n° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage cyane cyane mu ngingo yayo 48 agace ka 6

Ishingiye ku Itegeko n° 54/2008 ryo kuwa 10/9/2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda mu ngingo ya 144- 154;

Ishingiye ku Itegeko n° 47 bis/2013 ryo ku wa 28/6/2013 rigena imicungire n'imikoreshereze y'amashyamba mu Rwanda;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 04/Cab.M/015 ryo kuwa 18/05/2015 rishyiraho amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi n°001/11.30 ryo kuwa 10 Gashyantare 2016 rigena uburyo bwo gukusanya, gutwara no gucuruza amata mu Rwanda;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Umutungo Kamere n° 003/Minerena/2015 ryo kuwa 24/4/2015 rigena uburyo bwo gusaba, gutanga, no gukoresha impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 2 ryo ku wa 24/9/2001 ryerekeye imikoreshereze n'imicungire y'ibishanga mu Rwanda;

Ishingiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi n°005/2006 yo kuwa 13 Nzeri 2006 arebana n'ibisabwa mu gufungura no gukoresha ahacururizwa inyama mbisi n'izitunganyije;

Ishingiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi n°004/2006 yo kuwa 13 Nzeri 2006 arebana n'ibisabwa kuzuzwa mu gufungura no gukoresha amabagiro mu Rwanda;

Yifashishije Politiki ngenderwaho ya Minisitiri y'Ibikorwa Remezo ivuga ku isuku n'isukura (National sanitation policy);

Yifashishije Politiki ngenderwaho ya RURA igenga imitunganyirize, imikusanyirize n'imitwarire y'ibishingwe;

Yifashishije Politiki ngenderwaho ya Minisiteri y'Ubuzima ijyanye no kurengera ubuzima n'ibidukikije (national environmental policy);

Isubiye ku mabwiriza n° 01/11 yo ku wa 23/10/2011 y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yerekeye isuku mu Mujyi wa Kigali;

Imaze kubisesengura no kubyemeza mu nama yayo yo kuwa 15/09/2016;

**Itanze amabwiriza akurikira:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agamije muri rusange gushyiraho uburyo bwo kubungabunga no kwita ku isuku mu Mujyi wa Kigali. Agamije kandi by'umwihariko:

- a) guteza imbere isuku n'isukura mu Mujyi wa Kigali;
- b) gushyiraho amahame remezo yerekeranye no kwita ku isuku mu buryo bwose;
- c) guteza imbere imibereho myiza y'abatwaga b'Umujyi wa Kigali hazirikanwa guteza imbere isuku no gukumira indwara ziterwa n'isuku nke;
- d) gukangurira abatwaga Umujyi wa Kigali iterambere rirambye rishingiye ku isuku.

**Ingingo ya 2:** Inshingano z'abatwaga n'abagana Umujyi wa Kigali ku bijyanye n'isuku mu Mujyi wa Kigali.

Umuntu wese uri mu Mujyi wa Kigali afite inshingano zo kurengera, kubungabunga, kwita no guteza imbere isuku.

**Ingingo ya 3: Abarebwa n'Isuku rusange**

- a) Isuku y'Umujyi ku ikubitiro ireba umutwaga wese w'Umujyi wa Kigali ari nawe shingiro ry'isura y'Umujyi, buri mutwaga w'Umujyi wa Kigali agomba kugira isuku ku mubiri, aho atwaga, aho anyura n'aho akorera;
- b) Isuku ireba kandi ubuyobozi bwite bwa Leta kuva ku Mudugudu kugeza ku buyobozi bw'Umujyi wa Kigali, buri Murenge ugomba gushyiraho "Club" y'isuku muri buri mudugudu iyobowe n'ushinzwe imibereho myiza mu mudugudu ikaba ifite inshingano zo gukangurira no gukurikirana ibikorwa byose by'isuku mu Mudugudu
- c) Isuku inareba Imiryango itegamiye kuri Leta n'abikorera, bagomba guteza imbere isuku mu bikorwa byabo bya buri munsu nk'uko bisabwa muri aya mabwiriza.

**Ingingo ya 4: Ibisobanuro by'amwe mu magambo akoreshwa muri aya mabwiriza**

**Imyanda** ni ibintu byose byaba bikomeye, bitemba cyangwa ari umwuka bikomoka ku mirimo yo mu rugo, yo mu nganda, cyangwa umutungo wose wimukanwa n'utimukanwa wajugunywe kandi ushobora kwangiza.

**Imyanda ikomeye:** ni ibintu byose bikomeye bikomo ku mirimo yo mu rugo, yo mu nganda cyangwa umutungo wose wimukanwa n'utimukanwa wajugunywe kubera ko warangije gukora icyo wagenewe kandi ushobora kwangiza.

**Imyanda ihumanya:** ni imyanda yose yaba ikomeye, imyuka cyangwa itemba ishobora kugira ingaruka mbi ku binyabuzima.

**Ikimoteri:** ni ahantu hagenewe kumenwa imyanda yose iba yakusanyijwe.

**Ubusitani:** ni ahantu hagenewe guterwa ibyatsi byabugenewe n'ibiti by'umurimbo kugira ngo hanogere ijisho.

**Umushito:** ni agati batungaho inyama zo kotsa cyangwa ibindi biribwa byotswa.

**Ahahurira abantu benshi:** ni ahantu aho ariho hose hatangirwa serevisi zihuriweho n'abantu benshi.

**Ikinamba:** ni ahantu hagenewe gukorerwa imirimo ijyanye no koza no gusukura ibinyabiziga n'ibindi bikoresho binyuranye bikoreshwa mu ngo.

**Sawuna:** ni icyumba cyabugenewe gicanwamo kugira ngo haboneke ubushyuhe bwotwa n'abakeneye kubira icyuya kugira ngo bibafashe kuruhuka.

**Ibisigara bya Leta:** ni ubutaka bwa Leta buba bwasiyarijwe gushyirwaho ibikorwa remezo bitandukanye.

**Ikidendezi cyo kogeramo:** ni ubwogero bwa kijyambere bwateguriwe kwidagaduriramo.

**Urunywero:** ni Ahantu hagurirwa hakananywerwa ibinyobwa (Akabari).

**Amazi yanduye:** ni amazi arimo ikintu icyo aricyo cyose gishobora guhungabanya ibinyabuzima.

## **UMUTWE WA II: UBURYO IMYANDA IGOMBA GUCUNGWA**

### **Ingingo ya 5: Uburyo imyanda itwarwa ahabugenewe**

- a) Imyanda itwarwa na koperative cyangwa sosiyete ifite icyangombwa cyanditse kigaragaza ubureganzira bwo gukusanya no gutwara ibishingwe mu Mujyi wa Kigali gitangwa n'urwego rw'ubuyobozi rubifitiye ububasha;
- b) Imodoka zose zitwara imyanda zigomba kuba zifite icyapa kiziranga (identification) gitangwa n'urwego rw'ubuyobozi rubifitiye ububasha. kandi kigomba kuba kigaragaza aho imodoka ikorera;
- c) Nta modoka yemerewe kujya gutwara imyanda aho itaherewe ubureganzira bwo gukorera;
- d) Imyanda yose ijyanwa hakoreshejwe imodoka zabigenewe zigomba kuba zipfudikiye kandi zipakurura;
- e) Nta cyangombwa cyemerewe gutizwa cyangwa guhererekanwa;
- f) Nta myanda yemerewe kurundwa ku muhanda mu gihe itegereje imodoka. Igomba gusohorwa aho ibikwa mu gihe imodoka iyitwara ihageze;

### **Ingingo ya 6: Ibisabwa kugira ngo wemererwe gukusanya no gutwara imyanda**

Koperative cyangwa sosiyete ikora akazi ko gukusanya no gutwara imyanda igomba kuba:

- a) ifite icyangombwa gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;

- b) ifite ibikoresho byabugenewe mu gukora ako kazi birimo ibi bikurikira (imodoka ipfundikiye kandi yipakurura, agapfukamunwa, inkweto zabugenewe, udupfuka ntoki);
- c) ifite abakozi bahagije, babifitiye ubumenyi kandi barahawe urukingo rwa tetanus.

Koperative cyangwa sosiyete bigomba kandi:

- a) gukusanya imyanda irobanuye bakanayitwara ahabugenewe irobanuye;
- b) gutwara imyanda ituruka mu ngo nibura inshuro imwe mu cyumweru na buri muni ahahurira abantu benshi;
- c) Kugira uburyo bwo kwirinda indwara ziterwa n'imyanda kandi bakagira imyambaro ibaranga.

### **Ingingo ya 7: Amasezerano yo gutwara imyanda**

Amasezerano yo gukusanya no gutwara imyanda akorwa hagati ya koperative cyangwa sosiyete yujuje ibisabwa n'aya mabwiriza n'urwego rw'Ibanze rubifitiye ububasha rwahawe ubureganzira n'Umujyi wa Kigali;

### **Ingingo ya 8: Aho imyanda igomba gutwarwa**

Imyanda igomba gutwarwa ahagenwe n'Umujyi wa Kigali. Nta myanda yemerewe gutwarwa ahandi aho ariho hose cyeretse iyo yahawe ubureganzira bwihariye n'Umujyi wa Kigali;

### **Ingingo ya 9: Uruhare rw'umuturage mu gutwara imyanda iva mu rugo**

Buri muturage agomba kwishyura sosiyete cyangwa koperative itwara imyanda iva mu rugo rwe (waste generator). Ayo mafaranga agenwa mu cyemezo gishyiraho ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda gishyirwaho n'urwego rubifitiye ububasha.

### **Ingingo ya 10: Inshingano yo kurobanura imyanda ikomeye**

Buri rugo, ikigo cyangwa uwariwe wese afite inshingano zo kurobanura imyanda mbere y'uko ababishinzwe baza kuyitwara. Imyanda igomba kurobanurwa hakurikijwe ubwoko bwayo (Imyanda ibora, itabora, ihumanya) kandi ikabikwa mubikoresho byabugenewe.

Ibyo bikoresho bigomba gutangwa na sosiyeti cyangwa koperative ibitwara, igiciro cy'ibyho bikoresho kigenwa n'urwego rubifitiye ububasha, kikongerwa ku giciro cyo gutwara imyanda.

### **Ingingo ya 11: Ibikoresho bishyirwamo imyanda**

Buri rugo/ikigo cyangwa uwo ariwe wese agomba kugira ibikoresho byabugenewe bishyirwamo imyanda. Ibikoresho bigomba kuba bigendanye n'ubwoko bw'imyanda ndetse n'ubwinshi bwayo.

### **Ingingo ya 12: Ahabujijwe gushyira imyanda mu gihe itarajyanwa**

Nta myanda igomba gushyirwa ahantu ishobora gukurura udukoko dutera indwara cyangwa aho ibangamira ibidukikije, abantu n'ibintu byabo. Mu gihe imyanda itarajyanwa ahabugenewe igomba gushyirwa ahiherereye kandi mu bikoresho byabugenewe.

**Ingingo ya 13: Igihe imyanda imara itegereje kujyanwa ahabugenewe**

Imyanda igomba kuva mu ngo nibura ishuro imwe mu cyumweru na buri munsu ahahurira abantu benshi.

Imyanda igomba kuvanywa mu rugo ihita ijyanywa ahabugenewe.

**Ingingo ya 14: Ahabujijwe kumena imyanda**

Birabujijwe ku muntu uwo ariwe wese kumena imyanda ahatarabigenewe.  
Birabujijwe gutwika imyanda iyo ariyo yose

**Ingingo ya 15: Kutazana imyanda yo hanze y'Umujyi wa Kigali**

Nta myanda igomba kuzanwa ku butaka bw'Umujyi wa Kigali iturutse hanze yawo. Aho biri ngombwa, iyo myanda igomba gusabirwa uburenganzira mu buyobozi bw'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 16: Imyanda ihumanya**

Imyanda ihumanya ikomeye ikomoka mu nganda no mu mavuriro ntiyemerewe gutwarwa ku kimoteri rusange kidafite uburyo bwo kuyitunganya; iyi myanda igomba gutunganyirizwa aho ikomoka cyangwa ahandi hateganyijwe babihereye uburenganzira.

**Ingingo ya 17: Uko indi myanda ihumanya ifatwa**

Imyanda ihumanya itari iyo mu nganda cyangwa kwa muganga nayo ishyirwa ahabugenewe hateganywa n'Umujyi wa Kigali hasabiwe uburenganzira.

**Ingingo ya 18: Imicungire y'amazi yanduye**

- a) Buri rugo, ibigo cyangwa indi nyubako iyariyo yose bigomba kugira ibyobo cyangwa ubundi buryo byabugenewe biyoborwamo amazi yanduye.
- b) Buri rugo, ibigo cyangwa indi nyubako iyariyo yose bigomba kugira ikigega gihagije gifata amazi y'imvura,
- c) Buri Mudugudu wubatswe, cyangwa inyubako iyariyo yose yakira abantu barenze nibura 200 ku munsu bigomba gushyiraho uburyo buhamye bwo gutunganya amazi yanduye ( waste water treatment plant) ;

**Ingingo ya 19: Isuku mu ngo**

- a) Buri rugo rugomba kugira ubwihereho bupavomye mu Mirenge y'Umujyi cyangwa bukurungiyeye mu Mirenge y'icyaro kandi bupfundikiye;
- b) Buri rugo rugomba kugira ubwogero;
- c) Buri rugo rugomba kugira umugozi wo kwanikaho imyenda;
- d) Nta muntu wemerewe kurarana n'amatungo. Amatungo agomba kubakirwa ikiraro cyayo kihariye;
- e) Nta rugo rwemerewe kuyobora amazi yaba ayanduye cyangwa ayimvura mu rugo rw'umuturanyi cyangwa mu bibanza bitubatse; igihe amazi aturutse mu rugo agize ibyo yangiza, nyiri urwo rugo agomba gusana ibyo ayo mazi yangije agahabwa n'ibihano biteganywa n'itegeko;

- f) Birabujijwe kohereza amazi mabi muri za Ruhurura;
- g) Birabujijwe kumena imyanda muri ruhurura;
- h) Buri rugo rugomba kuvidura amazi yanduye mu gihe icyobo kiyafata cyuzuye agatwarwa ahabugenewe hateganywa n'Umujyi wa Kigali;
- i) Buri rugo rugomba kugira uburyo bunoze bwo gutunganya no kubika amazi yokunywa;
- j) Buri rugo rugomba kwirinda ibihuru n'amazi y'ibidendezi mu rugo n'ahakikije urugo;

**Ingingo ya 20: Ibyubahirizwa n'inganda zitunganya amazi yanduye**

Inganda zitunganya amazi yanduye zigomba kubahiriza ibipimo fatizo by'amazi asohoka murizo nganda bishyirwaho n'urwego rubifitiye ububasha (established standards).

**UMUTWE WA III: ISUKU Y'AHANTU HAHURIRA ABANTU BENSHI**

**ICYICIRO CYA MBERE: ISUKU MURI RESITORA**

**Ingingo ya 21: Ibisabwa inzu ikorerwamo ubucuruzi bwa resitora**

Inzu ikorerwamo ubucuruzi bwa resitora igomba kuba:

- a) itaragenewe guturwamo;
- b) kure y'imyanda (nibura muri kilometero imwe uvuye ku kimoteri);
- c) yitaruye amazu atuwemo;
- d) ifite uruhushya rwo gukorerwamo (occupation permit);
- e) ahayikikije hatari ivumbi cyangwa icyondo (pavoma cyangwa ubusitani);
- f) ifite uburyo bwo kubika amazi no gufata amazi y'imvura;
- g) ifite uburyo bwo gucunga amazi yanduye;
- h) iteye irangi ryera cyangwa irijya gusa n'umuhondo (*cream*);
- i) yubakishijwe ibikoresho bikomeye kandi ikorewe amasuku (finishing).

Igomba kugira :

- a) ubuhumekero buhagije;
- b) igikoni cyubakishije amakaro hasi no ku nkuta nibura kugeza kuri m 1.5;
- c) uburyo bwo gusohora umwotsi n'ubushyuye mu gikoni (fume and heat extractor);
- d) aho kogereza ibikoresho hari n'igikoresho gishyushya amazi kandi atemba (water heater with running water);
- e) ububiko bufite urumuri ruhagije, ubuhumekero, udutara (shelves), n'utubaho two guterekaho ibintu (pallets);
- f) aho gufatira ifunguro;
- g) ubwiherero bw'abagabo n'ubw'abagore ku bakiliya n'abakozi ba resitora;
- h) urwambariro rw'abakozi;
- i) uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi;
- j) ahakarabirwa intoki mbere yo kwinjira mu gikoni.

**Ingingo ya 22 : Ibyo abakozi bakora muri resitora bagomba kuzuza**

Abakozi bakora muri resitora bagomba:

- a) kugira isuku ku mubiri igihe cyose kandi batarwaye indwara zandura ( ubuheri, igituntu, tifoyide n'inzoka zo mu nda);
- b) gusuzumwa indwara zanduza mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane ku ivuriro rya Leta (igituntu, inzoka zo mu nda, tifoyide n'indwara z'uruhu);



- c) kugira umwambaro w'akazi (itaburiya yera, ingofero n'inkweto zera ku bakora mu gikoni);
- d) guhorana isuku hose (guca inzara, kutazisiga vernis, kutambara impeta);
- e) kwambara imyenda y'akazi kandi isukuye ku bakozi muri rusange;
- f) kugira aho gukarabira intoki habugenewe.

Nibura umwe mu bakozi agomba kuba nibura abifitiye ubumenyi.

### **Ingingo ya 23: Ibikoresho resitora igomba kuba ifite**

Ibikoresho by'ingenzi bigomba kuba muri resitora ni ibi bikurikira:

- a) ameza ategurirwaho ibyo kurya mu gikoni akozwe mu ibati ritagwa umugese (Aluminium);
- b) puberi ipfunduzwa ikirenge;
- c) akabati k'ibirahure kabikwamo ibikoresho byo ku meza;
- d) igikoresho cyo gukaraba intoki gifite amazi ashyushye n'akonje;
- e) igikoresho kijyamo isabune y'amazi;
- f) igikoresho cyo kumutsa intoki nyuma yo gukaraba;
- g) igikoresho gishyushya amazi ahogerezwa (water heater);
- h) firigo zihagije ku buryo hatavangwa ibiribwa bikomoka ku matungo, ibiva mu mazi n'ibikomoka ku bimera;
- i) ibikoresho byo kuzimya inkongi y'umuriro
- j) impapuro zo ku meza ntizigomba kugabanywamo uduce (serviets);
- k) ibikoresho byo ku meza bigomba kuba nibura inshuro 3 ugereranyije n'umubare bakira.

### **Ingingo ya 24: Amasezerano hagati y'ufite resitora n'abatwara imyanda**

Resitora igomba kugirana amasezerano y'imikoranire na sosiyete/ koperative cyangwa abantu ku giti cyabo babatwarira imyanda.

### **Ingingo ya 25: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gucuruza resitora**

Ushaka gukora ubucuruza bwa resitora agomba kuba yujuje ibiteganywa n'aya mabwiriza kandi akabisabira uburenganzira Ubuyobozi bw'Akarere, abinyujije ku buyobozi bw'Umurenge iyo resitora iherereyemo, Umujyi wa Kigali ukagenerwa kopi.

### **Ingingo ya 26: Ibisabwa kugira ngo resitora igemure ibiryo kure y'aho itekera**

Resitora igemura ibiryo kure y'aho itekera igomba kuba ifite:

- a) uruhushya rw'Ubuyobozi bw'Umurenge itekeramo;
- b) kugira ibikoresho byabugenewe mu gutwara ibyo kurya bihiye (ibikoresho bishyushya ibyo kurya n'ibikonjesha);
- c) kugira imodoka yabugenewe itwara ibiryo bihiye idakoreshwa akandi kazi.

## **ICYICIRO CYA II: ISUKU MU MACUMBI RUSANGE (LODGES)**

### **Ingingo ya 27: Ibisabwa inzu icururizwamo ubucuruza bw'amacumbi**

Inyubako ikorerwamo ubucuruza bw'amacumbi igomba kuba:

- a) yaragenewe gukorerwamo ubucuruza (business);
- b) ifite uruhushya rwo gukorerwamo (occupation permit);
- c) ifite amazi n'umuriro;

- d) ifite uburyo bwo gucunga imyanda y'amazi;
- e) ifite ubwiherero n'ubwiyuhagiriro muri buri cyumba;
- f) ifite aho kumesera no guterera ipasi
- g) ifite ubuhumekero karemano buhagije cyangwa ubwa kijyambere (Air conditioner);
- h) ifite urumuri ruhagije;
- i) ahayikikije hari ubusitani cyangwa imbuga itunganyije pavoma (nta vumbi);
- j) irimo amazi ashushye;
- k) ifite uburyo bwo kurwanya udukoko (hari utuyunguruzo mu myanya y'ubuhumekero);
- l) ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- m) mu byumba isize irangi rikeye kandi rituje (iryera cyangwa irijya kuba umuhondo *cream*);
- n) ifite uburyo bwo gukumira no kurwanya inkongi y'umuriro.

**Ingingo ya 28 : Ibarebana n'ibikoresho bisabwa mu macumbi rusange(lodge)**

Mu icumbi rusange hagomba kuba ibikoresho by'ingenzi bikurikira:

- a) ibitanda bikomeye na matera zabyo (ntibigomba kurenga bibiri mu cyumba kimwe);
- b) ibisaswa nibura bibiri kuri buri gitanda;
- c) amashuka y'ibara ryera;
- d) ameza n'intebe 2 muri buri cyumba;
- e) puberi 1 muri buri cyumba n'indi mu bwihereho;
- f) inkweto z'amazi zikoreshwa n'umukiriya umwe;
- g) kugira agasanduka k'ubutabazi bw'ibanze ( first aid box);
- h) ibikoresho byo kumesha no gutera ipasi, ibisaswa n'ibitambaro by'amazi;
- i) ibikoresho byo kuzimya umuriro;
- j) kugirana amasezerano na koperative cyangwa sosiyete itwara imyanda.

**Ingingo ya 29: icyemezo gisabwa ushaka gukora ubucuruzi bw'amacumbi**

Ushaka gukora ubucuruzi bw'amacumbi ahabwa icyemezo n'ubuyobozi bw'Akarere akagisaba binyujijwe ku buyobozi bw'Umurenge nyuma yo gusuzuma iyubahirizwa ry'ibyavuzwe haruguru, Umujyi wa Kigali ukagenerwa kopi.

**ICYICIRO CYA III: ISUKU MU KABARI**

**Ingingo ya 30: Ibisabwa inyubako ikorerwamo ubucuruzi bw'akabari (urunywero)**

Inyubako ikorerwamo ubucuruzi bw'akabari igomba kuba:

- a) itaragenewe guturwamo;
- b) yitaruye amazu atuwemo;
- c) ifite uruhushya rwo gukorerwamo (Occupation permit);
- d) ifite ubwiherero nibura imiryango ine (4);
- e) itunganyije neza (finishing) hasi, ku nkuta no ku gisenge;
- f) ifite imbuga itarangwamo ivumbi (hari ubusitani cyangwa pavoma);
- g) ifite ubuhumekero karemano buhagije cyangwa ubwa kijyambere (Air conditioner);
- h) ifite urumuri ruhagije;

- i) ifite parikingi ihagije nibura 1/3 cy'ibyicarwo bishobora gukwirwa mu kabari.  
Iyi nyubako igomba kandi kugira:
- ahantu hitaruye hagenewe kunywera itabi kandi hariho icyapa;
  - ahogerezwa ibikoresho hari amazi atemba ashyushye n'akonje "Industrial sink";
  - ahakorerwa ibitaramo by'imiziki hagomba kuba hari uburyo bwo gukumira amajwi ntasosoke "sound proofing system";
  - ahagenewe kubika ibishingwe bitegereje kujyanwa ahabigenewe.

### **Ingingo ya 31: ibindi bigomba kubahirizwa mu kabari**

Mu kabari hagomba guhorana isuku kandi hari ibi bikurikira:

- urwambariro rw'abakozi;
- lavabo iriho isabune n'igikoresho cyo kumutsa intoki "**hand drier**";
- igitebo cyo kumenamo imyanda gipfunduzwa ikirenge kandi cyitaruye aho abantu banywera;
- kugira koperative cyangwa sosiyete imutwarira imyanda;
- icyokezo kigomba kugira amashyiga ariho amakaro;
- inyama zigomba kuba mu cyumba gikonjesha;
- inyama ntizigomba kugerwaho n'isazi;
- hagomba kuba umuyoboro usohora umwotsi hanze (chimney);
- imishito ikoreshwa rimwe gusa ikajugunywa;
- akayunguruzo ko ku cyocyezo kagomba kuba gakoze muri **Aluminium**.

### **Ingingo ya 32: Ibisabwa abakozi bakora mu kabari**

Abakozi bakora mu runywero bagomba:

- kurangwa n'isuku ku mubiri n'imyambaro;
- kwambara imyambaro y'akazi iteka kandi abategura ibyo kurya bakambara itaburiya yera, ingofero yera n'inkweto zipfutse amano;
- kwipimisha indwara zandura (igituntu, tifoyide n'inzoka) mbere yo gutangira akazi na nyuma ya buri mezi ane (4).

### **Ingingo ya 33: Ibinyobwa bicuruzwa mu kabari**

Ibinyobwa bicuruzwa mu kabari bigomba kuba bifite icyemezo cy'ubuziranenge gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

### **Ingingo ya 34: Uburenganzira busabwa abifuzwa gukora ubucuruzi bw'akabari**

Ushaka gukora ubucuruzi bw'akabari ahabwa uburenganzira n'ubuyobozi bw'Akarere akabusaba binyujijwe ku buyobozi bw'Umurenge nyuma yo gusuzuma iyubahirizwa ry'ibyavuzwe haruguru, Umujyi wa Kigali ukagenerwa kopi.

## **ICYICIRO CYA IV: ISUKU MU MASOKO**

### **Ingingo ya 35: Ibyo isoko rigomba kugira**

Isoko rigomba kugira ibi bikurikira:

- ryubakiye;

- b) rifite imyanya yateganijwe kuri buri bicuruzwa hariho inyandiko zibyerekana;
  - c) rifite amazi ahagije;
  - d) ubwiherero buhagije kandi bugaragaza ah'abagore n'ah' abagabo;
  - e) imiyoboro y'amazi y'imvura yohereza mu miyoboro rusange yabugenewe;
  - f) ibitebo by'imyanda byabugenewe;
  - g) amashanyarazi ahagije;
  - h)** amafi agomba kugira uruhande rumwe acururizwamo kandi ruzwi n'ubuyobozi;
  - i)** imbuto n'imboga bigomba gucururizwa ku meza asukuye;
  - j)** ahacururizwa amata habugenewe;
  - k)** ubwiherero bwo mu isoko bugomba kuba buhagije kandi bufite isuku;
  - l)** kugira abakozi bahoraho bashinzwe isuku mu isoko.
- Burimucuruzi agomba kwita ku isuku y'aho akorera kandi agomba gutanga umusanzu w'isuku ugenwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Abakozi b'isuku mu isoko bagomba kugira imyambaro y'akazi kandi ikambarwa igihe cyose bari mu kazi (udupfuka ntoki, inkweto zabugenewe n'agapfuka munwa). Bagomba kuba bafite aho biyuhagirira kandi bafite ubwishingizi mu kwivuza.

### **Ingingo ya 36: Inshingano z'ubuyobozi bw'isoko mu gukurikirana isuku**

Ubuyobozi bw'isoko bugomba:

- a) gucyemura ikibazo icyo ari cyo cyose cyatera isuku nke mu isoko;
- b) guteganya aho imyanda ikusanyirizwa kandi igatwarwa buri muni ahabugenewe;
- c) kuvangura imyanda hakurikijwe ubwoko bwayo (ibibora, ibitabora, ibihumanya);
- d) Gushyiraho umujyanama ushinze isuku ya buri muni.

### **Ingingo ya 37: Uko ibicuruzwa bifatwa mu isoko**

Ibicuruzwa byose cyane cyane ibiribwa bigomba gucururizwa hejuru ku meza kandi hakabaho n'aho kubika ibintu bitarimo gucuruzwa.

### **Ingingo ya 38: Ubucuruzi bw'inyama n'amafi mu isoko**

Aho gucururiza inyama n'amafi hagomba kuba hatabangamiye ubuzima bw'abandi bacuruza kandi hari umuriro n'amazi. Gutunganya amafi n'inyama bigomba gukorerwa ahateganijwe n'ubuyobozi bw'isoko, hubakiye.

Buri mucuruzi w'inyama cyangwa amafi agomba kugira icyuma cyabugenewe cyo gukonjesha ibyo bicuruzwa (freezer), ibi bicuruzwa bigomba gupimwa mbere y'uko bigezwa ku isoko.

Abakozi bakora mu bucuruzi bw'inyama n'amafi bagomba kugira imyenda y'akazi ( ingofero, itaburiya na bote by'umweru) kandi bagapimwa indwara zanduzwa nibura rimwe mu mezi ane.

Bagomba kandi kugira ibikoresho bikoze muri pulasitiki (plastic) cyangwa mu cyuma bipfundikirwa byo kujugunyamo ibisigazwa.

Ahacururizwa inyama cyangwa amafi hagomba kuba nta masazi ahagera (hagomba kuba hari akuma gafata isazi n'utundi dukoko).

Inyama zigomba gutwarwa n'imodoka zigenewe uwo murimo gusa.

**Ingingo ya 39: Amatungo acururizwa mu isoko**

Amatungo yemerewe gucururizwa mu isoko risanzwe ni aya akurikira kandi akaguma mu dutete twayo:

- a) inkoko n'ibindi biguruka byororwa;
- b) inkwavu.

**ICYICIRO CYA V: ISUKU MU MAVURIRO**

**Ingingo ya 40: Uburenganzira bwo gutangira ivuriro**

Kugira ngo ivuriro rikore rigomba kuba rifite uruhushya rutangwa n'urwego rubifitiye ubu basha.

**Ingingo ya 41: Ibisabwa kugira ngo inyubako ikorerwemo imirimo y'ivuriro**

Inyubako ikorerwamo imirimo y'ivuriro igomba kuba ifite:

- a) uruhushya rwo gukorerwamo rwatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha;
- b) ubuhumekero buhagije;
- c) urumuri ruhagije;
- d) umuriro n'amazi;
- e) ubwiharero butandukanyije bw'abagabo n'abagore;
- f) ubwogero n'aho bogera intoki butandukanye bw'abagabo n'ubw'abagore;
- g) uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- h) uburyo bwo gucunga amazi yanduye;
- i) uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi.

Iyi nyubako igomba kuba itaragenewe guturwamo kandi ahayikikije hagomba kuba hatari ivumbi cyangwa icyondo (hagomba kuba hari ubusitani cyangwa pavoma).

**Ingingo ya 42: Ibikoresho by'ingenzi bigomba kuba mu ivuriro**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, ivuriro rigomba kuba rifite ibikoresho by'ingenzi bikurikira:

- a) igikoresho cyo kwica udukoko ku byuma bikoreshwa mu buvuzi (sterilizer);
- b) imiti yabugenewe yo gusukura ibikoresho by'ubuvuzi (disfectants);
- c) akabati kabugenewe ko kubika ibikoresho by'ubuvuzi;
- d) ibikoresho bipfunduzwa ikirenge byo gushyiramo imyanda (Dust bins);
- e) ibikoresho byo kujugunyamo imyanda ikomeretsa (safety box);
- f) ibikoresho byabugenewe byo gukaraba intoki bihagije;
- g) ibikoresho byo gukonjesha inkingo.

**Ingingo ya 43: Ibisabwa by'umwihariko mu gucunga imyanda mu ivuriro**

Ivuriro rigomba :

- a) kugira uburyo bwihariye bwo gucunga imyanda ikomoka ku buvuzi;
- b) ivuriro rigomba kugirana amasezerano na sosiyeti yemewe yo gutwara imyanda isanzwe iva mu ivuriro;
- c) kuvangura imyanda hakurikijwe ubwoko bwayo.

**Ingingo ya 44: Ibisabwa abakozi bakora mu ivuriro**

Abakozi bagomba kuba bambaye imyambaro y'akazi yabugenewe.

**ICYICIRO CYA VI: ISUKU AHATUNGANYIRIZWA IMISATSI**

**Ingingo ya 45: Uruhushya ruhabwa ushaka gukora imirimo yo gutunganya imisatsi**

Kugira ngo umuntu yemererwe gukora uyu murimo agomba kuba afite uruhushya rutangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha

**Ingingo ya 46: Ibijyanye n'aho uyu murimo ukorerwa**

Inyubako ikorerwamo imirimo yo gutunganya imisatsi igomba kuba:

- a) itaragenewe guturwamo;
- b) ifite uruhushya rwo gukorerwamo rwatazwe n'urwego rubifitiye ububasha (occupational permit);
- c) ahayikikije inyubako hatari ivumbi cyangwa icyondo. (hagomba kuba hari ubusitani cyangwa pavoma);
- d) ifite umuriro n'amazi;
- e) ifite ubwiherero butandukanyije bw'abagabo n'abagore ;
- f) ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- g) ifite uburyo bwo gucunga imyanda y'amazi ;
- h) ifite uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi;
- i) ifite ubuhumekero n'urumuri bihagije.

**Ingingo ya 47: Ibikoresho by'ingenzi bigomba kuba ahatunganyirizwa imisatsi**

Ahatunganyirizwa imisatsi hagomba kuba ibikoresho by'ingenzi bikurikira:

- a) igikoresho cyo kwica udukoko (steriliser);
- b) igikoresho cyabugenewe cyo gushyiramo imyanda;
- c) igikoresho cyabugenewe cyo kwica udukoko ku bitambaro bikoreshwa mu gutunganya umusatsi;
- d) igikoresho cyabugenewe gishyushya amazi (water heater);
- e) imiti yabugenewe yica udukoko.

**Ingingo ya 48: Ibisabwa abakozi bakora akazi ko gutunganya imisatsi**

Abakozi bakora ahatunganyirizwa imisatsi bagomba:

- a) kugira icyemezo cy'uko batarwaye indwara zandura gitangwa n'ivuriro rya Leta;
- b) kwisuzumisha bigomba gukorwa inshuro imwe mu mezi ane (4);
- c) kwambara imyenda y'akazi yabugenewe.

**ICYICIRO CYA VII: ISUKU MU MASHURI**

**Ingingo ya 49: Uruhushya ruhabwa ushaka gushinga ishuri**

Ikigo cy'ishuri kigomba kuba gifite uruhushya rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 50: Ibyo inyubako y'ishuri igomba kuba yujuje**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, inyubako y'ishuri igomba kuba ifite:

- a) uruhushya rwo gukorerwamo rwatazwe n'urwego rubifitiye ububasha (occupational permit);
- b) ibyumba bifite ubuhumekero n'urumuri bihagije;
- c) umuriro n'amazi;
- d) ubwiherero butandukanyije bw'abagabo n'abagore;
- e) uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- f) uburyo bwo gucunga imyanda y'amazi;
- g) uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi.

Inyubako y'ishuri igomba kandi kuba :

- a) itaragenewe guturwamo;
- b) izitiye;
- c) ku muzenguruko wayo hatewe amashyamba.
- d) ahayikikije hatari ivumbi cyangwa icyondo. (hagomba kuba hari ubusitani cyangwa pavoma).

**Ingingo ya 51: Ibyumba abanyeshuri bacumbikamo**

Amazu acumbikiye abanyeshuri agomba kugira:

- a) amazi n'amashanyarazi bihagije;
- b) uburyo bwo kubika amazi yakoresha mu gihe ayandi yabuze (Ibigega);
- c) uburyamo buboneye bugenerwa buri munyeshuri (umunyeshuri igitanda cye);
- d) igikoni gitunganye kandi kirimo ibikoresho bihagije n'ububiko bwabyo;
- e) aho abanyeshuri bamesera imyenda yabo n'aho bayanika;
- f) aho kwiyuhagirira no kogera haboneye kandi hahagije;
- g) ubwiherero buhagije;
- h) imiti yabugenewe mu kurwanya umwuka mubi n'isazi biva mu bwihherero;
- i) uburyo bwo gukaraba intoki uvuye mu bwihherero.

Inyubako y'icumbi mu bigo by'amashuri igomba kwakira abana b'igitsina kimwe kandi igomba guterwa umuti wica ibiryi nibura buri mezi ane (4).

**Ingingo ya 52: Ibikoresho bikenerwa mu mashuri**

Ikigo cy'ishuri kigomba kugira ibikoresho by'ingenzi bikurikira:

- a) ibikoresho byo mu gikoni bigomba kuba byubahirije ibikubiye mu ngingo ya 22 y'aya mabwiriza;
- b) uburyo bwo gukaraba intoki hafi y'ubwiherero hamwe n'aho bafatira ifunguro;
- c) igikoresho cyo gushyiramo imyanda muri buri cyumba;
- d) igikoresho cyo gushyiramo imyanda ivuye mu byumba by'amashuri;
- e) ibikoresho byo kuzimya umuriro;
- f) utubati two kubikamo ibikoresho byo mu buriro no mu gikoni.

**Ingingo ya 53: Ibindi bigomba kubahirizwa mu mashuri**

Buri kigo cy'ishuri, kigomba kandi:

- a) kugira gahunda ihoraho yo gukora isuku mu kigo, cyane cyane mu byumba by'amashuri no mu bwihereho;
- b) kugira amasezerano na koperative cyangwa sosiyete itwara imyanda;
- c) kugira ibikoresho byabugenewe byo gushyiramo imyanda kandi ikabikwa itandukanye;
- d) gushyiraho "club" z'isuku n'ibidukikije muri buri kigo.

**Ingingo ya 54: Ibigomba kuba mu cyumba abanyeshuri bafatiramo amafunguro**

Icyumba abanyeshuri bafatiramo ifunguro kigomba kugira:

- a) isuku;
- b) ameza afite isuku;
- c) intebe abanyeshuri bicaraho igihe bafungura;
- d) ibyumba bikoteye na sima;
- e) inkuta zihorana isuku;
- f) amazi yo kunywa atuganyije.

Ibikoresho byo ku meza bigomba gusukurwa hifashishijwe amazi ashushye n'isabune kandi bihagije ku buryo bisimburana mu gukoreshwa. Nta gikoresho cya pulasitike cyemewe gukoreshwa.

**Ingingo ya 55: Ibisabwa abakozi bakora mu mashuri**

Abakozi bakora mu mashuri bagomba:

- a) kwambara imyenda y'akazi;
- b) kubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 23 y'aya mabwiriza ku bijyanye n'abashinzwe gutegura ibyo kurya.

**ICYICIRO CYA VIII: ISUKU AHATEGERWA IMODOKA (GARE)**

**Ingingo ya 56: Ibisabwa aho abagenzi bategera imodoka (gare)**

Aho imodoka zihagarara hagomba kuba:

- a) hakoteye na sima « concrete »;
- b) hari ibikoresho byo kumenamo imyanda kandi igatwarwa buri muni;
- c) kuba hafite aho abagenzi bicara hatwikiriye kandi hafite isuku;
- d) ubwihereho buhagije kandi butandukanye, ubw'abagabo n'ubw'abagore;
- e) uburyo bwo gucunga amazi y'umwanda;
- f) amazi ahagije(water supply system);
- g) uburyo bwo kubika amazi no gufata amazi y'imvura (water conservation and rain water harvesting);
- h) uburyo bwo gukumira no kuzimya inkogi y'umuriro.

**ICYICIRO CYA IX: ISUKU MURI GEREZA**

**Ingingo ya 57: ibisabwa ahafungirwa abanyabyaha (gereza)**

Inyubako ya gereza igomba kuba ifite:

- a) uruhushya rwo gukorerwamo rwatazwe n'urwego rubifitiye ububasha (occupational permit);
- b) umuriro n'amazi;



- c) kuba ahakikije inyubako hatari ivumbi cyangwa icyondo (hagomba kuba hari ubusitani cyangwa pavoma);
- d) ubwiherero butandukanyije bw'abagabo n'abagore;
- e) uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- f) uburyo bwo gucunga imyanda y'amazi (sewerage system);
- g) uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkogi.

Iyi nyubako igomba kandi kugira:

- a) ubwogero buhagije kandi bufite isuku;
- b) aho guterera ipasi;
- c) aho kumesera no kwanika imyenda;
- d) kuba aricyo yagenewe kandi iri ahitaruye;
- e) igikoni kigomba kuba cyubakishije amakaro ku nkuta kugeza kuri metero 1.5;
- f) ibyumba bifite ubuhumekero n'urumuri bihagije.

Ikindi, iyi nyubako igomba kuba izitiye.

### **Ingingo ya 58: Ibikoresho bikenerwa muri gereza**

Gereza igomba kugira ibikoresho by'ingenzi bikurikira:

- a) akabati ko kubikamo ibikoresho byo ku meza;
- b) igikoresho cyo :
  1. gushyushya amazi;
  2. kuzimya umuriro;
  3. gushyiramo imyanda byabugenewe;
  4. gukaraba intoki aho bikenewe.

### **Ingingo ya 59: Ibindi bigomba kubahirizwa muri gereza**

- a) gutera umuti wica udukoko nibura nyuma y'amezi atatu (3) n'igihe bibaye ngombwa;
- b) kugirana amasezerano na koperative cyangwa sosiyeti itwara imyanda igihe gereza idashoboye kubyikorera;
- c) gushyiraho uburyo bwo gutunganya amazi yo kunywa;
- d) uburyo bwo gusukura ibikoresho byo mu gikoni no ku meza.

## **ICYICIRO CYA X: ISUKU MU BWIHERERO RUSANGE**

### **Ingingo ya 60: Ibisabwa kugira ngo habe ubwiherero rusange**

Inyubako y'ubwiherero rusange igomba kuba ifite:

- a) uruhushya rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- b) aho abagore n'abagabo bajya hatandukanye;
- c) isuku ihagije hasi, ku nkuta no ku gisege;
- d) umukozi uhoraho ushinzwe isuku;
- e) urumuri n'ubuhumekero bihagije;

Iyi nyubako igomba kandi kugira:

- a) ibikoresho byabugenewe byo gushyiramo imyanda;
- b) ibikoresho byo gukarabiraho intoki biriho amazi n'isabune;
- c) ibikoresho byabugenewe byo kumutsa intoki (hand drier);
- d) impapuro z'isuku.

Ikindi, inyubako y'ubwiherero igomba kuba yubakishije amakaro nibura kugera kuri metero 1.5 ku nkuta, nta sazi cyangwa impumuro mbi bihari kandi ishobora gukingirwamo imbere.

**ICYICIRO CYA XI: ISUKU MURI SAWUNA**

**Ingingo ya 61: Uruhushya rwo gutangiza sawuna**

Sawuna igomba kuba ifite uruhushya rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 62: Ibigomba kubahirizwa kugira ngo sawuna yemererwe gutangira gukora**

Kugira ngo itangire gukora, sawuna igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- a) kuba yubatse ahantu itabangamiye izindi nyubako n'ibindi bikorwa;
- b) igomba kubakishwa ibikoresho birambye;
- c) icyumba cya sawuna kigomba kuba gifite ubuso butari munsi ya m<sup>2</sup> 16;
- d) inkuta n'igisenge bigomba gusigwa irangi ry'amavuta ry'umukara rituma hagabanywa isakazwa ry'ubushyuhe ku gisenge no ku nkuta;
- e) ahaturuka ubushyuhe ntihagomba gusigwa irangi ry'umukara;
- f) hagomba kugenwa ibyumba byo kuruhukiramo n'icyumba kimwe cya masaje ku bantu 30 cyitaruye sawuna;
- g) igomba kugira ubwiherero butandukanye ku bagabo n'abagore;
- h) igomba kugira ubwogero n'urwambariro buhagije ku bagabo n'abagore;
- i) intebe zicarwaho zigomba kozwa n'imiti yica udukoko (desinfectants) igihe cyose habaye isimburanwa ry'abakiriya;
- j) ibikoresho by'isuku nk'ibitambaro by'amazi n'indi myenda bikoreshwa inshuro imwe;
- k) aharuhukirwa n'ahakorerwa masaje hagomba kuba igikoresho gishyirwamo imyanda;
- l) kuba hari imashini zimesa bakanatera ipasi;
- m) kuba buri mukiliya agira inkweto zo kogeramo (slippers);
- n) kuba hari nibura umunyamwuga w'ubuzima ubanza gusuzuma abakoresha sawuna;
- o) kuba hari umunyamwuga w'ubugororangingo (physiotherapist) nibura umwe ku hakorerwa masaje;
- p) kuba hari isuku ihagije; hasi, ku nkuta no ku gisenge.

**Ingingo ya 63: Ibipimo bya sawuna**

Sawuna igomba kugira ibipimo bingana n'ibigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

n°	Ubuso kuri buri muntu	Metero kare m <sup>2</sup> 1
1	Urwambariro	0.8 – 1.0
2	Ubwiherero	0.3 – 0.5
3	Sawuna	0.5 – 0.6
4	Aho abantu baruhukira	0.3– 0.6
<b>Ibipimo muri m<sup>2</sup> by'inyubako ya sawuna yakira abantu 30</b>		
1	Urwambariro	24 – 30
2	Sawuna	9 – 15
3	Icyumba cya masaje	12 – 18
4	Icyumba cyo kuruhukiramo	9 – 18

**ICYICIRO CYA XII: ISUKU MU BIDENDEZI BYO KOGERAMO (SWIMMING POOL/PISCINE)**

**Ingingo ya 64: Ibisabwa inyubako y'ikidendezi cyo kogeramo**

Inyubako y'ikidendezi cyo kogeramo igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- a) uruhushya rutangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;
- b) kuba yubatswe muri beto "concrete" isashwemo amakaro afite ibara ricyeye;
- c) kuba ibipimo by'ubujoyakuzimu bigaragara;
- d) kuba izegurutswe n'umuyoboro ubuza andi mazi gutemberamo;
- e) ibyuma byubakishije bigomba kuba bitagwa umugese;
- f) hagomba guteganywa igice kigenewe aboga n'abari mu zindi gahunda.

**Ingingo ya 65: Ibyumba byifashishwa n'aboga**

Ikidendezi cyo kogeramo kigomba kugira ibyumba bya serivise bikurikira:

- a) icyumba cyo kubikamo no gutangiramo ibikoresho byo kogana n'ibyo kwiyumutsa;
- b) icyumba cy'umwarimu wo koga;
- c) urwambariro rutandukanye ku bagore n'abagabo;
- d) ubwogero buhagije kandi butandukanye ku bagore n'abagabo;
- e) ubwiherero buhagije kandi butandukanye ku bagore n'abagabo;
- f) icyumba cyo kubikamo ibikoresho by'isuku.

**Ingingo ya 66: Ubuziranenge bw'amazi yogerwamo**

- a) amazi yogerwamo agomba kuba adafite ubwandu ubwo aribwo bwose;
- b) ibipimo by'amazi yogerwamo (Cl na P<sup>h</sup>) bigomba gufatwa nibura kabiri ku munsu kandi bigashyirwa ahagaragara;
- c) ibipimo bya Cl bigomba kuba hagati ya 1.3 na 3;
- d) ibipimo bya P<sup>h</sup> bigomba kuba hagati ya 7.2 na 7.8;
- e) amazi yogerwamo agomba gushyirwamo imiti yica udukoko kugira ngo abantu ntibanduzanye indwara;
- f) imiti ikoresheya mu kidendezi cyo kogeramo ni iyemewe ku rwengo mpuzamahanga;
- g) amazi agomba kumanwaho imyanda ireremba hejuru hakoreshejwe umweyo wabigenewe;
- h) akayunguruzo k'amazi kagomba guhora gakora (continuous filtration);
- i) amazi y'ikidendezi agomba guhindurwa buri mezi atatu cyangwa igihe cyose amazi yabaye mabi, ikidendezi kikozwa kandi hagakorwa raporo ikemezwa n'umugenzuzi w'isuku ku rwengo rubifite mu shingano;
- j) umuntu wese ugiye koga agomba kubanza kwiyuhagira;
- k) amazi agomba kuba afite ubushobozi bwo kwica udukoko tuyinjyemo;
- l) hagomba kuba hari umukozi ubihugukiye ukurikirana ubwandu bw'amazi (kuba afite nibura impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye mu binyabuzima n'ubutabire n'amahugurwa ku by'ikidendezi cyo kogeramo).

**ICYICIRO CYA XIII: ISUKU AHO IMODOKA ZINYWERA AMAVUTA**

**Ingingo ya 67: Aho imodoka zinywera amavuta**

Aho imodoka zinywera amavuta hagomba kuba hujuje ibi bikurikira:

- a) Kuba bafite uruhushya rwo kuhacururiza amavuta y'imodoka (occupational permit)
- b) kuba hari ubwiherero busukuye kandi bw'abagore n'abagabo;
- c) kuba nta vumbi cyangwa icyondo bihagaragara (gushyiraho ubusitani cyangwa pavoma);
- d) kuba hari uburyo bwo kuyobora amazi yakoreshejwe ahabugenewe;
- e) kuba hari igikoresho cyo gushyiramo imyanda ikomeye cyabugenewe;
- f) kuba hari uburyo bunozwe bwo gukumira no guhangana n'inkongi z'umuriro;
- g) umukozi uzi gukoresha igikoresho cyo kuzimya umuriro;
- h) kugirana amasezerano na koperative cyangwa Sosiyeti itwara imyanda

#### **ICYICIRO CYA XIV: ISUKU AHASENGERWA**

##### **Ingingo ya 68: Ibisabwa kuzuzwa ahasengerwa**

Ahasengerwa hagomba kuba hujuje ibi bikurikira:

- a) kuba hataragenewe guturwamo;
- b) kuba hafite uruhushya rwo gukorerwamo rwatazwe n'urwego rubifitiye ububasha (occupation permit)
- c) kugira ubwiherero buhagije bw'abagabo n'ubw'abagore;
- d) kugira uburyo bwo gukaraba intoki nyuma yo kwiherera;
- e) kugira igikoresho rusange cyo gushyiramo imyanda;
- f) kugira imbuga ifite pavoma cyangwa ubusitani;
- g) kugirana amasezerano n'ishyirahamwe ribatwarira imyanda;
- h) kugira igikoresho cyo gushyiramo imyanda mu rusengeru;
- i) gufata amazi y'imvura;
- j) kugira uburyo bwo gucunga amazi yanduye;
- k) kugira uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi y'umuriro;
- l) kuba inyubako idasohora amajwi.

Ku babatiriza mu mazi menshi, hagomba kuba amazi yabugenewe yujuje ubuziranenge buvugwa mu ngingo ya 66 y'aya mabwiriza.

#### **UMUTWE WA V: ISUKU AHATUNGANYIRIZWA IBIRIBWA**

##### **ICYICIRO CYA MBERE: ISUKU AHAKORERWA IMIGATI**

##### **Ingingo ya 69: Uruhushya rutangwa ahakorerwa imigati**

Kugira ngo ubucuruzi bw'aho bakorerwa imigati bwemerwe, hagomba kugira uruhushya rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

##### **Ingingo ya 70: Ibisabwa inzu itunganyirizwamo imigati**

Inyubako ikorerwamo imigati igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- a) ifite uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- b) ifite ubuhumekero n'urumuri bihagije;
- c) ihorana isuku hasi, ku nkuta no ku gisenge;
- d) yitaruye amazu atuwemo;
- e) amazi ashyushye;
- f) ifite uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi y'umuriro;

- g) ifite uburyo bwo kubika amazi no gufata amazi y'imvura.

**Ingingo ya 71: Iyumba bigize inzu ikorerwamo imigati n'icyo bikorerwamo**

Inyubako ikorerwamo imigati igomba kuba ifite:

- a) aho kuvangira ifu;
- b) aho kokereza imigati mu ifuru, hari umwuka uhagije;
- c) aho bashyira imigati mu bifuniko byabugenewe;
- d) aho kubika imigati;
- e) urwambariro rw'abakozi;
- f) ubwogero bw'abagabo n'abagore;
- g) igikoresho kijyamo imyanda gipfunduzwa ikirenge;
- h) ubwiherero bw'abagabo n'ubw'abagore kandi bukarangwa n'isuku;
- i) aho kubika ifarini n'ibindi bikoresho by'imigati hatagera ubuhehere (humidity).

Bagomba kandi kugirana amasezerano na sosiyete ibatwarira imyanda.

**Ingingo ya 72: Ibisabwa abakozi bakora ahatunganyirizwa imigati**

Abakozi bakorerwa ahakorerwa imigati bagomba:

- a) gupimwa indwara zanduzwa mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane;
- b) kugira isuku y'imyambaro n'iyoyi ku mubiri;
- c) kugira imyambaro y'akazi kandi ikambarwa igihe cyose bari mu kazi.

**ICYICIRO CYA II: ISUKU AHACURURIZWA INYAMA N'AMAFI (boucherie /butcher)**

**Ingingo ya 73: Uruhushya ruhabwa ushaka gucuruza inyama n'Amafi ahatari mu isoko**

Kugira ngo ucuruze inyama ugomba kuba ufite icyemezo cy'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 74: Ibisabwa ku nyubako icururizwamo inyama**

Inyubako icururizwamo inyama igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- a) ifite uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha ( occupation permit);
- b) ifite ibikoresho byabugenewe bifasha gukaraba intoki;
- c) ahakikije inyubako hatari ivumbi cyangwa icyondo (hari ubusitani cyangwa pavoma);
- d) kuba nibura kuri metero 200 uvuye ahamenwa imyanda;
- e) iri hafi y'umuhanda ku buryo bworohereza gupakurura inyama;
- f) ifite icyumba gikatirwamo inyama;
- g) ifite icyumba cyo gucururizamo;
- h) ifite urwambariro rw'abakozi;
- i) ifite isuku ihagije kuva hasi kugeza ku gisenge;
- j) ifite ubuhumekero buhagije;
- k) ifite inzitira sazi ku madirishya yose ;
- l) ifite amazi ahagije ashushye n'akonje ;
- m) ifite uburyo bwo gucunga amazi yanduye ;

n) ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura.

**Ingingo ya 75: Ibikoresho bikenerwa mu nzu icururizwamo inyama**

Ibikoresho by'ingenzi bigomba kuba biri ahacururizwa inyama n'amafi:

- a) akabati k'icyuma ko kubikamo ibikoresho;
- b) ibikoresho byo gufata no kwica udukoko (insect repellents);
- c) ibikoresho byabugenewe byo gushyiramo imyanda;
- d) ibikoresho bihagije byo kubika amazi;
- e) ameza yabugenewe yo gutunganyirizaho inyama;
- f) ibikoresho byo gushyushya amazi (water heaters);
- g) konjerateri ireberwamo itandikwamo inyama n'amafi (ifite ikirahure);
- h) konjerateri yo kubikamo inyama;
- i) konjerateri yihariye amafi;
- j) umunzani wihariye w'amafi;
- k) imodoka zabugenewe zikonjesha zo gutwara inyama n'izo gutwara amafi.

**Ingingo ya 76: Ibisabwa ku nyama n'amafi bicuruzwa mbere y'uko bigezwa ku isoko**

- a) bigomba kuba bifite icyemezo cy'aho byaturutse (certificate of origin);
- b) ibimenyetso byerekana ko zapimwe (inspection stamp);
- c) inyama zicuruzwa zigomba kuba zaturutse mu mabagiro ari mu Mujyi wa Kigali gusa;
- d) birabujijwe gufunyika inyama n'amafi mu mpapuro cyangwa ibindi bintu bidashobora kozwa neza.

**Ingingo ya 77: Ibisabwa abakozi bakora ahacururizwa inyama**

Abakozi bakora ahacururizwa inyama bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

- a) gusuzumwa indwara zandura buri mezi atatu;
- b) kwambara imyenda y'akazi yabugenewe igihe cyose bari mu kazi (itaburiya, ingofero, bote by'umweru);
- c) kugira isuku ku mubiri ku buryo buhoraho.

**ICYICIRO CYA III: ISUKU MU MABAGIRO**

**Ingingo ya 78: Uruhushya ruhabwa uwifuza gushyiraho ibagiro**

Ushaka gukora ibagiro agomba kuba afite uruhushya rutangwa n'urwego rufite amabagiro mu nshingano.

**Ingingo ya 79: Ibyo inyubako y'ibagiro igomba kuba yujuje**

Inyubako y'ibagiro igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- a) ifite uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha (occupation permit);
- b) ifite aho amatungo ategerereza mbere yo kubagwa;
- c) ifite umutego wabigenewe (stunning room);
- d) ifite aho kubagira hameze neza, mu nzu isakaye, ifashwe n'inkingi gusa;
- e) ifite aho kubagira hari inkuta n'ameza by'amakaro;
- f) ifite aho kubagira hari amazi ahagije ashushye n'akonje;

- g) ifite aho kubagira hari urumuri ruhagije;
- h) ifite imiyoboro y'umwanda n'uburyo bukwiye bwo kuyitunganya;
- i) ifite aho gutunganyiriza inyama zo mu nda;
- j) ifite ahabugenewe ho kubamba impu;
- k) ifite ubwiherero buhagije kandi butandukanye ku bagore n'abagabo;
- l) ifite ibikoresho byabugenewe byo gukaraba intoki;
- m) ifite aho kumanika inyama hadafunganye kugirango zipimwe n'ababishinzwe;
- n) ifite icyumba cyo gushyiramo inyama zifite ikibazo zitegereje gufatirwa ingamba;
- o) ifite icyobo cyabugenewe cyo kwangirizamo inyama zitujuje ubuziranenge;
- p) ifite icyumba gikonjesha cyo kubikamo inyama gihagije (cold chamber);
- q) ifite ahakikije inyubako hatari ivumbi cyangwa icyondo (hari ubusitani cyangwa pavoma).

### **Ingingo ya 80: Ibikoresho bikenerwa mu ibagiro**

Ibikoresho by'ingenzi bigomba kuba biri mu ibagiro ni ibi bikurikira:

- a) akabati k'icyuma ko kubikamo ibikoresho;
- b) ibikoresho byo kwica udukoko (insect repellents);
- c) ibikoresho byabugenewe byo gushyiramo imyanda;
- d) ibikoresho bihagije byo kubika amazi;
- e) igikoresho gikoreshwa mu kwica udukoko ku bikoresho by'ibagiro (sterilizer);
- f) ameza yabugenewe yo gutunganyirizaho inyama;
- g) ibikoresho byo gushyushya amazi (water heaters).

### **Ingingo ya 81: Ibisabwa abakozi bakora mu ibagiro**

Abakozi bakora mu ibagiro bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

- a) gusuzumwa indwara zandura buri mezi atatu;
- b) kwambara imyenda y'akazi yabugenewe igihe cyose bari mu kazi;
- c) kugira isuku ku mubiri ku buryo buhoraho;
- d) nta wemerewe kwinjira mu ibagiro cyangwa ahakorera imirimo y'ububazi atahakorera keretse ubifitiye uburenganzira.

## **ICYICIRO CYA IV: ISUKU AHATUNGANYIRIZWA N'AHACURURIZWA AMATA**

### **AKICIRO KA MBERE: ISUKU AHATUNGANYIRIZWA AMATA**

#### **Ingingo ya 82: Uruhushya ruhabwa ushaka gukora umurimo wo gutunganya amata**

Kugira ngo ukore umurimo wo gutunganya amata ukoresheje imashini ugomba kuba warahawe uburenganzira n'urwego rubifitiye ububasha.

#### **Ingingo ya 83: Ibisabwa inyubako itunganyirizwamo amata**

Inyubako itunganyirizwamo amata igomba kuba yujuje ibi bikurikira :

- a) ifite uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha (occupational permit);
- b) ifite ibikoresho byabugenewe byo gukaraba intoki ;
- c) ahakikije inyubako hatari ivumbi cyangwa icyondo (hari ubusitani cyangwa pavoma) ;
- d) ifite isuku ihagije kuva hasi kugeza ku gisenge ;
- e) ifite umwuka uhagije;

- f) ifite amakaro hasi;
- g) ifite inzitira sazi ku madirishya yose;
- h) ifite amazi ahagije ashushye n'akonje;
- i) ifite uburyo bwo gucunga amazi yanduye;
- j) ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura.

**Ingingo ya 84 : Ibikoresho bikenerwa mu gutunganya amata**

Ibikoresho by'ingezi bikenewe aho batuganyiriza amata ni ibi bikurikira :

- a) Ikigega cyabugenewe cyo gushyiramo amata (cooler);
- b) Ibikoresho byabugenewe byo kuyungurura amata;
- c) Ibikoresho byabugenewe byo gutunganya amata.

**Ingingo ya 85: Ibisabwa abakozi bakora ahatunganyirizwa amata**

Abakozi bakora ahacururizwa amata bagomba kuba bujuje ibi bikurikira :

- a) gusuzumwa indwara zandura buri mezi atatu;
- b) kwambara imyenda y'akazi yabugenewe igihe cyose bari mu akazi (itaburiya n'ingofero, by'umweru);
- c) kugira isuku ku mubiri ku buryo buhoraho;

**AKICIRO KA 2: ISUKU AHACURURIZWA AMATA**

**Ingingo ya 86: Uruhushya ruhabwa ushaka gucuruza amata**

Ucuruza amata agomba kugira icyemezo cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 87: Ibyo inyubako icururizwamo amata igomba kuba yujuje**

Inyubako ikorerwamo ubucuruzi bw'amata igomba kuba:

- a) ifite uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha (occupational permit);
- b) ifite ibikoresho byabugenewe byo gukaraba intoki;
- c) ahakikije inyubako hatari ivumbi cyangwa icyondo (hari ubusitani cyangwa pavoma);
- d) ifite isuku ihagije kuva hasi kugeza ku gisenge;
- e) ifite umwuka uhagije;
- f) ifite icyumba gisukuye banyweramo amata;
- g) ifite amazi ahagije;
- h) ifite ubwiherero buhagije;
- i) ifite uburyo bwo gucunga mazi yanduye;

Ubucuruzi bw'amata ntibugomba kuvangwa n'ubundi bucuruzi.

**Ingingo ya 88: Ibikoresho by'ingenzi bikenerwa ahacururizwa amata:**

Ibikoresho by'ingenzi ahacururizwa amata ni ibi bikurikira:

- a) igikoresho cyabugenewe gifundikirwa cyo gushyiramo umwanda kandi kikagirirwa isuku ;
- b) akabati gafite ibirahure ko kubikamo ibikoresho ;
- c) akuma gafata amasazi n'utundi dusimba ;
- d) icyuma gikonjesha cyo kubikamo amata;



e) aho kogereza ibikoresho byakoreshejwe hari amazi ashyushye n'akonje. Amata bagomba gutwarwa mu modoka zabugenewe kandi ari mu bicuba byabugenewe (Aluminium).

**Ingingo ya 89: Ibisabwa abakozi bakora mu bucuruzi bw'amata**

Abakozi bakora ahacururizwa amata bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

- d) gusuzumwa indwara zandura buri mezi atatu;
- e) kwambara imyenda y'akazi yabugenewe igihe cyose bari mu akazi (itaburiya n'ingofero, by'umweru);
- f) kugira isuku ku mubiri ku buryo buhoraho.

**ICYICIRO CYA V: ISUKU AHAKORERWA IMIRIMO YO GUSYA IMYAKA**

**Ingingo ya 90: Isuku y'ahakorerwa umurimo wo gusya imyaka**

Inyubako yagenewe umurimo wo gusya imyaka igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- a) aricyo yagenewe;
  - b) ifite uruhushya rutangwa n'Ubuyobozi bubifitiye ububasha (occupational permit);
  - c) ifite urwambari bw'abakozi;
  - d) ifite ubwogero bw'abagabo n'abagore;
  - e) ifite uburyo bwo kubika no gufata amazi y'imvura;
  - f) ifite uburyo bwo gucunga amazi yanduye;
  - g) ifite igikoresho kijyamo imyanda gipfundikiye kandi kikagirirwa isuku;
  - h) ifite ubwiherero bw'abagabo n'ubw'abagore kandi bukarangwa n'isuku;
  - i) ifite amasezerano na sosiyeti/koperative ibatwarira imyanda;
  - j) ifite icyumba cyo kubikamo imyaka n'ifu kandi ntibiterewe hasi (hari imbaho zo guterekaho zabugenewe: pallets);
  - k) ifite uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi;
- Abakozi bagomba:
- l) kwambara imyenda y'akazi yabugenewe (itaburiya y'ibara ryera, igofero n'agapfukamazuru);
  - m) kugira ubwishingizi bw'impanuka bafatiwe n'umukoresha;
  - n) guteganya umwambaro w'abashyitsi bakeneye gusura imirimo ihakorerwa;
  - o) guhabwa amata y'inka litiro imwe ku munsu;
  - p) gusuzumwa indwara zanduza ku ivuriro rya leta mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane.

**UMUTWE WA VI: ISUKU MU NGANDA, AHAKORERWA IMIRIMO YO KUBAZA, AMAGARAJI N'AHU IMODOKA ZOGERA**

**ICYICIRO CYA MBERE: ISUKU MU NGANDA**

**Ingingo ya 91: Uruhushya ruhabwa ushaka gukora uruganda**

Uruganda rugomba kugira uburenganzira bw'uwo murimo butangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 92: icyemezo gitangwa ku nyubako ikorerwamo n'uruganda**

Inyubako ikorerwamo n'uruganda igomba kuba ifite uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha (occupation permit).

**Ingingo ya 93: Ibyo uruganda rusabwa rugomba kuzuzwa**

Uruganda rugomba kugira ibi bikurikira:

- a) amazi ahagije;
- b) ubwihereho buhagije bw'abagabo n'ubw'abagore kandi buhorana isuku;
- c) ubwogero buhagije ku bagore n'abagabo;
- d) uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- e) uburyo bwo gutunganya amazi yanduye;
- f) ibikoresho byo gushyiramo imyanda byabugenewe;
- g) uburyo bwihariye bwo gucunga imyanda y'uruganda;
- h) gahunda ihamye yo kurinda ubuzima bw'abakozi (healthy policy);
- i) uburyo bwo gukumira no kurwanya inkongi.

**Ingingo ya 94: Ibyo abakozi b'uruganda bagomba kuba bafite**

Abakozi bagomba kugira ibi bikurikira:

- a) Imyambaro y'akazi yabugenewe kandi bakayambara igihe cyose bari mu kazi;
- b) bafite ubwishingizi bw'impanuka bafatiwe n'umukoresha n'ubundi burwayi bwakomoka ku murimo akora;
- c) bahabwa amata y'inka litiro imwe ku muni;
- d) bipimisha indwara zandura ku ivuriro rya Leta mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane.

**ICYICIRO CYA II: ISUKU AHAKORERWA IMIRIMO YO KUBAZA**

**Ingingo ya 95: Uruhushya rwo gukora ibarizo**

Ibarizo rigomba kugira uruhushya rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 96: Ibyo inyubako ibarizwamo igomba kuba yujuje**

Inyubako ibarizwamo igomba kuba:

- a) yitaruye amazu atuwe, nibura metero 100;
- b) ifite ubwihereho busukuye;
- c) Ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- d) ifite igikoresho cyo gushyiramo imyanda ;
- e) ifite aho gushyira ibarizo.

**Ingingo ya 97 : Ibisabwa abakozi bakora imirimo y'ububaji**

Abakozi bagomba kugira

- a) imyambaro y'akazi yabugenewe ;
- b) Ibikoresho byo kubarinda mu myanya y'ubuhumekero (agapfuka munwa).

**ICYICIRO CYA III: ISUKU AHOGEREZWA IMODOKA**

**Ingingo ya 98: ibyo ikinamba kigomba kuba cyujuje**

kugirango ikinamba gikore hagomba ibi bikurikira:

- a) gifite uruhushya rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha ;
- b) gifite imbuga nziza yubakishijwe "concrete" yo kogerezamo imodoka;
- c) gifite icyemezo gitangwa n'ikigo gifite ibidukikije mu nshingano zacyo;

- d) gifite uburyo bwo kubika amazi ;
- e) gifite aho kubika ibikoresho ;
- f) gifite urwambariro rw'abakozi ;
- g) gifite aho abogesha imodoka bicara bategereje;
- h) gifite uburyo bwo gutandukanya amazi n'amavuta(ibyobo byabugenewe);
- i) gifite aho guhagarika imodoka hahagije kandi hazitiye ku buryo ibikorwa byose bikorerwa imbere;
- j) gifite ibikoresho bizimya umuriro bihagije;
- k) gifite ubwiherero buhagije kandi bufite isuku;
- l) gifite ubwishingizi;
- m) Gifite uburyo bwo gusukura amazi yakoreshejwe ( recyclage);
- n) Kigomba kuba kizitiye;
- o) Ikinamba ntikigomba kumena amazi yogeshejwe imodoka muri za rigole z'umuhanda;
- p) Ikinamba ntikigomba kuba mu gishanga n'ahandi hose gishobora kwangiza ibidukikije;

**Ingingo ya 99: Ibisabwa abakozi bakora ku kinamba**

Abakozi bagomba kuba bafite imyambaro y'akazi yabugenewe ( Udupfuka ntoki, Udupfuka munywa n'inkweto zabugenewe).

**ICYICIRO CYA IV: ISUKU MU MAGARAJI**

**Ingingo yi 100: Isuku mu magaraji**

Igaraji rigomba kuba rifite ibi bikurikira:

- a) Rifite icyemezo cyo gukora bahawe n'urwego rubifitiye ububasha;
- b) Rifite ibikoresho bizimya umuriro bihagije byibuze kizimyamwoto zifite ibiro 10;
- c) Rifite uburyo bwo gucunga amazi yanduye akajya mu byobo byabugenewe;
- d) Kuba rifite uburyo buhamye bwo gutuganya amavuta y'imodoka;
- e) Rifite imbuga yubakiye neza (itariho ivumbi cyangwa icyondo);
- f) Rifite amazi ahagije, ubwiherero n'aho kogera;
- g) Rifite ibyumba bihagije (aho kubika ibikoresho, aho abakozi bahindurira imyenda n'ibiro);
- h) Rizitiye ku buryo ibikorwa byose bikorerwamo imbere;
- i) Rifite ubwiherero buhagije kandi busukuye;
- j) Igaraji ntirigomba kuba mu gishanga n'ahandi hose bishobora kwangiza ibidukikije;

**Ingingo ya 101: ibisabwa abakozi bakora mu igaraji**

Abakozi bagomba kuba bafite imyambaro y'akazi yabugenewe (udupfuka ntoki, agapfuka munwa , n'udupfuka ntoki).

**UMUTWE WAVII: ISUKU MU NYUBAKO ZINYURANYE**

**ICYICIRO CYA MBERE: ISUKU MU NZU ZO GUTURWAMO**

**Ingingo ya 102: Inzu yo guturamo**

Inzu yo kubamo igomba kuba:

- a) Aricyo yagenewe;
- b) Ifite icyangombwa gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha (occumpation permit);
- c) Ifite ubuhumekero buhagije;

- d) Ifite urumuri ruhagije;
- e) Ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- f) Ifite imbuga isukuye kandi ifite ubusitani cyangwa ikoteye;
- g) Ifite ubwiherero bupfundikirwa kandi bufite isuku;
- h) Ifite ubwogero bufite isuku;
- i) Ifite aho gukarabira intoki imbere y'ubwiherero;  
buri rugo rugomba:
- j) Kuvangura ibishingwe bibora n'ibitabora;
- k) Kugira ibikoresho byo gushyiramo imyanda byabugenewe;
- l) Kugirana amasezerano na koperative cyangwa sosiyete itwara imyanda.
- m) Inzu ikoresha ubwiherero bwa kijyambere igomba kuba ifite icyobo cyo koherezamo amazi yanduye ava mu bwihereho (Spetic tank).

### **Ingingo ya 103: Ubusitani mu ngo no ku mihanda**

Buri muturage w'Umujyi wa Kigali agomba:

- a) Gutera ubusitani bw'umurimbo mu rugo rwe;
- b) Gutera ibyatsi n'ibiti by'umurimbo hagati y'urugo rwe n'umuhanda aturiye kandi akabyitaho;
- c) Gukora isuku hakikije urugo rwe;
- d) Gushyira pavoma ahatari ubusitani ndetse no mu marembo amuhuza n'umuhanda wa kaburimbo cyangwa amabuye;
- e) Amazu y'ubucuruza agomba kugira amavaze yindabyo n'ibiti by'umurimbo aho bidashoboka gushyira ubusitani bw'umwimerere;

### **ICYICIRO CYA II: ISUKU MU MAZU Y'UBUCURUZI**

#### **Ingingo ya 104: Ibisabwa mu mazu y'ubucuruzi**

Inzu y'ubucuruza igomba kuba:

- a) Yarubakiwe ako kazi;
- b) Ifite icyangombwa cyo gukorerwamo gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha (occupational permit);
- c) Ifite ubuhumekero n'urumuri bihagije;
- d) Ifite inkuta zisukuye, zisize irangi cyangwa zitatswe, hasi hakoteye na sima ;
- e) Ifite ubwiherero buhagije n'aho gukarabira hafite isuku;
- f) Ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura;
- g) Ifite uburyo bwo gucunga amazi yanduye;
- h) Ifite ibikoresho byo gushyiramo imyanda byabugenewe, hatandukanywa ibora n'itabora ;
- i) Ifite uburyo bwo kurwanya no guhangana n'inkongi z'umuriro;
- j) Iteyeho ibiti cyangwa indabo by'umutako;
- k) Ifite pavoma imbere y'inyubako ikoreshejwe ibikoresho byabugenewe;
- l) Ifite isuku muri rigore ziyikikije.
- m) Birabujijwe gushyira ibicuruzwa hanze y'inzu haba ku muryango cyangwa ku mabaraza;

#### **Ingingo ya 105: Isuku mu mabanki n'ibigo byigenga**

Banki n'ibindi bigo byigenga bigomba kuba byujuje ibi bikurikira:

- a) inyubako zitagenewe guturwamo;

- b) inyubako ifite uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha (occupational permit);
- c) kugira kuba ubusitani cyangwa "pavoma" ahakikije inyubako (nta vumbi cyangwa icyondo);
- d) gufata amazi y'imvura ava ku bisenge by'amazu;
- e) kugira isuku hasi ku nkuta no ku gisenge by'inyubako bakoreramo;
- f) kugira inyubako ifite ubuhumekero karemano buhagije cyangwa "air conditionner";
- g) kugira ubwiherero buhagije, busukuye kandi butandukanye ku bagore n'abagabo;
- h) Birabujijwe gufunga ubwiherero, kandi abagana izo nyubako bagomba kubukoresha;
- i) kugira ubwiherero bwubakishije amakaro kugeza kuri metero 1.5;
- j) kugirana amasezerano na sosiyete itwara imyanda ahabugenewe.

### **Ingingo ya 106: Isuku ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi**

Bitanyuraniye n'amategeko agenga imyubakire mu Rwanda, ahakorerwa Imirimo y'ubwubatsi hagomba kubahiriza ibi bikurikira:

- a. Kutanduza umuhanda nyabagendwa wegereye aho ibikorwa by'ubwubatsi bikorerwa
- b. Kugira isuku yaharimo kubakwa no munkengero zaho;
- c. Kugira imyambaro yabugenewe irinda abakozi bahakorera n'abandi bantu bahasura;
- d. Kugira ubwiherero buhagije kandi busukuye;
- e. Kugirana amasezerano na Rwiyemezamirimo utwara imyanda kandi igatwarirwa ku gihe;
- f. Gukoresha abakozi bafite ubwishingize bwo kwivuzza;
- g. Mu gihe cy'amasaha imirimo y'ubwubatsi itarimo gukorwa, ntabikoresho by'ubwubatsi byemerewe kuba bikiri ku muhanda;
- h. Mu gihe habayeho kwanduza ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi cyangwa mu nkegero zaho, ukora iyo mirimo agomba kuhasukura akanasubiranya ibyangiritse;
- i. Nta mirimo y'ubwubatsi yemerewe kubangamira ikoreshwa ry'Imihanda n'inzira z'amazi;
- j. Buri kibanza cyubakwa cyose kigomba kuba kizitiriye hubahirijwe amabwiriza y'umutekano;

### **UMUTWE WA VIII: ISUKU KU MIHANDA NO MU BUSITANI RUSANGE**

#### **ICYICIRO CYA MBERE: ISUKU KU MIHANDA**

#### **Ingingo ya 107: Isuku ku mihanda n'ubusitani rusange**

Buri muhanda wo mu mujyi wa Kigali ugomba kuba wujuje ibi bikurikira:

- a) uhora usukuye;
  - b) inkengero zawo ziteweho ubusitani kugera kuri metero 6 kandi bufashwe neza;
  - c) utarunzeho ibishingwe;
  - d) ufite sosiyete iwukoraho isuku buri munsu;
- Birabujijwe:
- e) guta imyanda iyo ari yo yose ku muhanda;
  - f) kwihagarika no gucira ku muhanda;
  - g) gukandagira mu busitani bwo ku muhanda.

#### **Ingingo ya 108: Ibisabwa abakozi bakora isuku ku mihanda**

Abakozi bakora isuku ku muhanda bagomba kuba bambaye imyambaro y'akazi yabigenewe (itaburiya, bote, agapfukamunywa, udupfukantoki na jile).

**ICYICIRO CYA II: ISUKU MU BUSITANI RUSANGE**

**Ingingo ya 109: Isubiranya ry'ibyangijwe mu busitani no ku bindi bikorwa remezo**

Bitabangamiye ibihano biteganywa n'amategeko, umuntu uwo ariwe wese wangije, ugonze igiti cy'umurimbo (umukindo, Tuya, Filao, Arokariya,...) ubusitani cyangwa ibindi bikorwa remezo agomba kwishyura igiciro cy'ibyangijwe.

Muri aya mabwiriza, mu gusubiranya ibyangijwe mu busitani rusange no ku bindi bikorwa remezo, hishyurwa amafaranga ku buryo bukurikira:

1. Umukindo awishyura amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi magana atanu na miliyoni imwe (500,000 – 1,000,000) hakurikijwe agaciro k'umukindo wangijwe.
2. Igihe itara ryangijwe cyangwa borudire, byishyurwa hashingiwe ku biciro biri ku isoko mu gihe byangizwaga hongewemo agaciro k'imirimo yakozwe mu gusubiranya ibyangijwe
3. Ubusitani n'indabyo zo ku muhanda (metero kare) yishyurwa ibihumbi mirongo itatu (30,000).
4. kumena imyanda (goods) yarengeje igihe cyangwa iyangiritse ku Kimpoteri hishyurwa amafaranga y'u Rwanda hagati y'ibihumbi ijana na magana atatu (100,000 – 300,000frw) hakurikijwe ingano n'ubwoko bw'ibimenwa;
5. Gutwika imyanda atari mu cyuma cyagenewe gutwika imyanda (incinerator) hishyurwa amafaranga magana atandatu (600FRW/kg) kuri buri kilo kibigomba gutwikwa;

**Ingingo ya 110: Kurinda iyangizwa ry'ubusitani rusange**

- a) nta gikorwa icyo aricyo cyose cyemerewe gukorerwa mu busitani rusange kitabihereye uruhushya n'urwego rubifitiye ububasha;
- b) buri wese wangije ubusitani agomba kubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 109.

**UMUTWE WA IX: ISUKU MU BISIGARA BYA LETA NO MU BIBANZA BITUBATSE**

**Ingingo ya 111: Isuku mu bibanza bitubatse n'amazu atuzuye**

Bitanyuranyije n'amasezerano y'ubukode bw'ikibanza, nyiracyo agomba kwita kuri ibi bikurikira:

- a) Isuku yacyo no mu mpande zacyo hose hanarindwa kujyamo ibihuru cyangwa kumenamo imyanda;
- b) Kudahinga imyakamubibanza byagenewe guturwamo
- c) Ibibanza bitubatse kandi bibarizwa mu Mirenge y'Umujyi (urban sectors) bigomba guturwamo ubusitani mu gihe bitarubakwa mu rwego rwo ku bikorera isuku no kubungabunga umutekano;
- d) Gutera ibyatsi bibuza itaka kugwa mu miyoboro y'amazi no mu mihanda;
- e) Gufata amazi yo mu kibanza ntabangamire abaturanyi;
- f) Kuzitira ikibaza harindwa kumenwamo imyanda;
- g) Mu gihe ny'irikibanza atagikorera isuku, Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibaze bireba bugomba kugikorera isuku nyiracyo akishyura byakwanga hakiyambazwa andi mategeko;
- h) Amazu atuzuye agomba gukorerwa isuku igihe cyose;

**Ingingo ya 112: Isuku y'ibisigara bya Leta**

Ubuyobozi bw'Izengo z'Ibanze bireba bugomba kwita buri gihe ku isuku y'ahantu hari igisigara cya Leta, ahandi hose hari ubutaka bwa Leta n'ibindi bibanza bidafite ba nyirabyo.

**Ingingo ya 113: Isuku muri Kariyeri**

Ibikorwa by'ubucukuzi bwakariyeri busabwa kubahiriza ibi bikurikira:

- a. kuba bafite uruhushya rwo gucukura kariyeri rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- b. kubahiriza abisabwa mbere yo guhabwa uburenganzira bwo gucukura kariyeri;
- c. Kugira ubwihereho, ubwogero n'imyambaro yabugenewe mu rwego rwo kubahiriza ibipimo by'isuku;
- d. Gusubiranya ibirombe mu gihe imirimo y'ubucukuzi irangiye kandi bigakorwa hubahirijwe kurengera ibidukikije;
- e. Gushyiraho uruzitiro ahakorerwa imirimo y'ubucukuzi bwa kariyeri hakurikijwe amabwiriza y'umutekano;
- f. kugira uburyo burambye bwo kubungabunga ibidukikije;
- g. Urwego rwa Karere ruzajya rutanga raporo y'ibikorwa bya kariyeri buri gihebwe ku rwego rw'Umujyi;

**Ingingo ya 114: Isuku mu bishanga**

Birabujijwe:

- a) Kumena igitaka, ibikoresho byubwubatsi cyangwa indi myanda iyariyo yose mu gishanga;
- b) Gukorera ibikorwa ibyaribyo byose, byaba iby'ubwubatsi, uby'ubworozi cyangwa ibindi bikorwa byose mu gishanga bitatangiwe uburenganzira;
- c) Gucukura kariyeri mu gishanga;
- d) Igishanga cyose kigiye gutuganywa kigomba kubanza gukorerwa inyingo y'isuzuma ngaruka kubidukikije n'inyingo yimitunganyirize yacyo;
- e) Guhinga mu gishanga kidatuganyijwe;

**UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 115: Ibyemezo bifatirwa utubahirije aya mabwiriza**

Bitabangamiye ibiteganywa n'aya mabwiriza, umuntu wese utubahirije ibijyanye n'isuku mu Mujyi wa Kigali afatirwa ibyemezo kandi akishyura amahazabu atarenze ateganyijwe ku mugereka wometse kuri aya mabwiriza:

**Ingingo ya 116: Ibirebana n'ibidateganyijwe muri aya amabwiriza**

Ibidateganyijwe n'aya mabwiriza, hazakurikiza amategeko n'andi mabwiriza biriho

**Ingingo ya 117: Itegurwa, isuzuma n'itorwa ry'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza yateguwe, asuzumwa kandi atorwa mu rurimi rw'ikinyarwanda.

**Ingingo ya 118: Ibijyanye no kunganira andi mabwiriza**

Aya mabwiriza yunganira andi yihariye ashirwaho na za Minisiteri zifite isuku, mu nshingano

**Ingingo ya 119: Ivanwaho ry’andi mabwiriza anyuranyije n’aya**

Ingingo zose z’amabwiriza N° 01/11 yo kuwa 23/10/2011 y’Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali yererekeye isuku mu Mujyi wa Kigali zahinduwe n’izindi zinyuranyije n’aya mabwiriza zivanyweho.

**Ingingo ya 120: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa umunsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 15/09/2016

**RUTABINGWA Athanase (sé)**  
**Umuyobozi w’Inama Njyanama**  
**y’Umujyi wa Kigali**

**GAFARANGA Brigitte (sé)**  
**Umunyamabanga w’Inama**  
**Njyanama y’Umujyi wa Kigali**



**UMUGEREKA KU MABWIRIZA N° 01/09 YO KU WA 15/09/2016 Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI YEREKEYE ISUKU MU MUJYI WA KIGALI UGENA AMAHAZABU N'UBURYO BWO GUSUBIZAHO IBYANGIJWE**

**1. ISUKU RUSANGE**

<b>IKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Kumena imyanda ahatabugenewe	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Imodoka itwaye imyanda idapfundikiye cyangwa imodoka igenda imena imyanda mu muhanda.	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kurunda ibishingwe ku muhanda	Gusubiranya ibyangijwe	10,000 ku munsu
Kuraza ibishingwe ku muhanda cyangwa muri karitsiye	Gusubiranya ibyangijwe	10,000 ku munsu
Kwituma ku gasozi	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Gushyira ibikoresho by'Ubwubatsi ku imihanda	Gusubiranya ibyangijwe	10,000 ku munsu
Kwanduza umuhanda	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kwiriza cyangwa kuraza ibikoresho byubwubatsi ku mihanda	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kumena ibitaka cyangwa indi myanda yose mu gishanga	Gusubiranya ibyangijwe no gukuraho iyo myanda	10,000
Gukorera ibikorwa bitemewe mu gishanga	Guhagarika no gukuramo ibyo bikorwa	10,000
Gucukura kariyeri hatubahirijwe amabwiriza yubucukuzi	Gusubiranya ibyangijwe no guhagarika ubwo bucukuzi	10,000
Gucira ku muhanda	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kutishyurira imyanda	Kwishyirira imyanda	10,000
Amazi yakoreshejwe mu ngo yayobowe mu miyoboro y'amazi y'imvura cyangwa mu bibaza bitubatse	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kudakora isuku ku nkengero z'urugo	Kuhasukura	10,000
Kutubahiriza amabwiriza y'isuku yo mu ngo	Kubahiriza ibisabwa	10,000
Gukandagira mu busitani	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kwangiza igiti gisanzwe	Gusubiranya ibyangijwe	10,000
Kudasiga irange inyubako (amabati ashaje n'inkuta)	Gusiga irangi	10,000
Kutagira vaze imbere y'inyubako icururizwamo	Gushyiraho vaze	10,000
Kutagira igikoresho cyabugenewe cyo gushyiramo imyanda	Kugishyiraho	10,000
Kutagira ubwiherero	Kubaka ubwiherero	10,000

**Official Gazette n° 10 of 05/03/2018**

Kujugunya icupa ry'amazi n'indi myanda mu muhanda	Gukuraho iyo myanda cyangwa icupa	10,000
Kuyobora amazi cyangwa ku mena imyanda muri ruhurura	Gukuraho iyo myanda	10,000
Gutwikira imyanda n'ibyatsi ahatarabugenewe		10,000

**2. RESITORA**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
<b>INYUBAKO</b>		
Kutagira uruhushya rwo gukora Resitora	Guhagarikwa	10,000
Kuba yaragenewe guturwamo	Guhagarikwa	10,000
Kutagira occupational permit	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gucunga amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubuhumekero buhagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuba ahakikije inyubako hari igitaka	Gutera ubusitani/ pavoma	10,000
Kuba inzu iteye irangi ritari iryera cyangwa "cream"	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira igikoni cyubakishije amakaro hasi no ku nkuta nibura kugeza kuri m 1.5	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gusohora umwotsi n'ubushyuhe mu gikoni(fume and heat extractor)	bushyirwaho	10,000
Kutagira ububiko bukwiye	bushyirwaho	10,000
Kuba yegereye ahamenwa imyanda	Guhagarikwa	10,000
Kuba ifatanye n' amazu atuwemo	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo kubika no gufata amazi y'imvura	Bishyirwaho	10,000
Kutagira uburyo bwo kubika no gufata amazi y'imvura	Bishyirwaho	10,000
Kutagira ahakarabirwa intoki mbere yo kwinjira mu gikoni	Hashyirwaho	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi	Bushyirwaho	10,000
Kutagira urwambariro rw'abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwiherero buhagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**Official Gazette n° 10 of 05/03/2018**

Kutagirana amasezerano na sosiyete itwara imyanda	Kuyishaka	10,000
Kugemura ibiryo nta uruhushya rw'Umurenge batekeramo	Guhagarikwa	10,000
<b>ABAKOZI</b>		
Umukozi utarasuzumwe indwara zanduzza mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane ku ivuriro rya Leta (igituntu, inzoka zo mu nda, tifoyide n'indwara z'uruho)	Guhagarika akazi	10,000
Umukozi utambaye umwambaro w'akazi (itaburiya yera, ingofero n'inkweto zera ku bakora mu gikoni)	Guhagarika akazi akabanza kuwambara	10,000
Kutagira umukozi ufite ubumenyi mu isuku y'ibiribwa	Kumushaka	10,000
Umukozi udafite isuku (guca inzara, kutazisiga vernis, kutambara impeta)	Guhagarika akazi	10,000
<b>Ibikoresho</b>		
Ameza atari Aluminium ategurirwaho mu gikoni	Kuyashyiraho	10,000
Kutagira puberi ipfunduzwa ikirenge	Kuyishyiraho	10,000
Kutagira akabati k'ibirahure kabikwamo ibikoresho byo ku meza	Kugashyiraho	10,000
Kutagira igikoresho kijyamo isabune y'amazi	Kugishyiraho	10,000
Kutagira igikoresho cyo kumutsa intoki nyuma yo gukaraba	Kugishyiraho	10,000
Kutagira igikoresho gishyushya amazi ahogerezwa (water heater)	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuvanga ibiribwa bitemerewe kuvangwa	Kubijugunya	10,000
Kutagira ibikoresho byo kuzimya umuriro	Kubishaka	10,000
Gucamo serviets	kuzijugunya	10,000
Ibikoresho byo ku meza bidahagije	Kubyongera	10,000

**1. AMACUMBI**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Kuba yaragenewe guturwamo	Guhagarikwa	10,000
Kutagira uruhushya rwo gukora nk'icumbi	Guhagarikwa	10,000
Kutagira uruhushya rwo gukorerwamo (ocupation permit)	Guhagarikwa	10,000
Kutagira amazi n'umuriro	Guhagarikwa	10,000
Kutagira uburyo bwo gucunga imyanda y'amazi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**Official Gazette n° 10 of 05/03/2018**

Kuba buri cyumba kidafite ubwiherero n'ubwiyuhagiriro	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira aho kumesera no guterera ipasi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira icyumba kibikwamo ibisaswa kandi gihorana isuku	Kugishaka	10,000
Kutagira ubuhumekero karemano buhagije cyangwa ubwa kijyambere (Air conditioner)	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira urumuri ruhagije	Kurushyiraho	10,000
Kuba ahakikije inyubako hari igitaka nta busitani cyangwa imbuga itunganyije "pavoma"	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuba inyubako itarimo amazi ashyushye	Kuyashyiramo	10,000
Kutagira uburyo bwo kurwanya udukoko (hatari utuyunguruzo mu myanya y'ubuhumekero)	Kubushyiraho	10,000
Kutagira uburyo bwo gufata amazi y'imvura	Kubushyiraho	10,000
Kuba idasize irangi rikeye kandi rituje mu byumba (iryera cyangwa cream)	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira no kurwanya inkongi y'umuriro	Kubushyiraho	10,000
<b>Ibikoresho:</b>		
Kutagira ibisaswa nibura bibiri kuri buri gitanda	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira puberi mu bwihherero	Kuzishaka	10,000
Kutagira puberi mu cyumba	Kuzishaka	10,000
Inkweto z'amazi zikoreshwa n'umukiriya urenze umwe	Kubikosora	10,000
Kutagira agasanduka k'ubutabazi bw'ibanze ( first aid box)	Kugashyiraho	10,000
Kutagira ibikoresho byo kumesa no gutera ipasi, ibisaswa n'ibitambaro by'amazi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ibikoresho byo kuzimya umuriro	Kubishaka	10,000
Kutagira amasezerano na sosiyete itwara imyanda	Kugirana amasezerano	10,000

**2. AKABARI**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Kutagira uruhushya rwo gukora Akabari	Guhagarikwa	10,000
Kuba yaragenewe guturwamo	Guhagarikwa	10,000
Kutagira occupational permit	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gucunga amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**Official Gazette n° 10 of 05/03/2018**

Kutagira ubuhumekero buhagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuba ahakikije inyubako hari igitaka	Gutera ubusitani/ pavoma	10,000
Kuba inzu iteye irangi ritari iryera cyangwa "cream"	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuba yegereye ahamenwa imyanda	Guhagarikwa	10,000
Kuba ifatanye n'amazu atuwemo	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo kubika no gufata amazi y'imvura	Bishyirwaho	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi	Bushyirwaho	10,000
Kutagira urwambariro rw'abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwiherero buhagije cyangwa gufunga ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagirana amasezerano na sosiyete itwara imyanda	Kuyishaka	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira urusaku	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira aho kunywera itabi hitaruye	Kuhashaka	10,000
Kuba imishito ikoreshwa kenshi	Kujugunya ibiriho	10,000
Gucuruza ibintu bitujuje ubuziranenge	Kubijugunya	10,000
<b>Kutagira ibi bikurikira:</b>		
Urwambariro rw'abakozi	Kurushyiraho	10,000
Lavabo iriho isabune n'igikoresho cyo kumutsa intoki " <b>hand drier</b> "	Kuyishyiraho	10,000
Igitebo imyanda gipfunduzwa ikirenge mu cyocyezo	Kugishyiraho	10,000
koperative cyangwa sosiyete iyitwarira imyanda	Kuyishyiraho	10,000
umuyoboro usohora umwotsi n'ubushyuhe mu cyocyezo hanze (chimney)	Kuwushyiraho	10,000
Akayunguruzo ko ku cyocyezo kadakoze muri Aluminium	Kugashyiraho	10,000
Umukozi utarasuzumwe indwara zanduzwa mbere yo gutangira akazi na buri mezi ane ku ivuriro rya Leta (igituntu, inzoka zo mu nda, tifoyide n'indwara z'uruhu)	Guhagarika akazi	10,000
Umukozi utambaye umwambaro w'akazi (itaburiya yera, ingofero n'inkweto zera ku bakora mu gikoni)	Guhagarika akazi akabanza kuwambara	10,000

**Official Gazette n° 10 of 05/03/2018**

Umukozi udafite isuku (guca inzara, kutazisiga vernis, kutambara impeta)	Guhagarika akazi	10,000
--	------------------	--------

**3. AMASOKO**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Gucururiza ibyo kurya cyangwa ibinyobwa hasi ku butaka	Kujugunya ibyo biribwa	10.000
Kuvanga ubucuruzi bw'inyama n'amafi n'ibindi bicuruzwa	Kujugunya amafi n'inyama bibitse nabi	10.000
Gutwara inyama n'amafi mu modoka itarabugenewe	Kujugunya ayo mafi cyangwa izo nyama	10.000
Gucuruza ibintu bidafite ubuziranenge mu isoko	Kujugunya ibitujuje ubuziranenge	10.000
Utubahirije isuku isabwa ku bucuruzi bw'amata mu isoko	Guhagarikwa	10.000
Kutagira isuku y'aho ukorera	Kuhasukura	10.000
Gucururiza amatungo mu isoko ritabigenewe	Guhagarikwa	10.000

**4. AHO BOGOSHERA N' AHO BATUNGANYIRIZA IMISATSI**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMANDE (Frw)</b>
Kutagira aho kubika ibikoresho	Kuhashaka	10,000
Kutagira igitebo cyo kumenamo umwanda w'umusatsi n'indi myanda yose yahaboneka	Kugishaka	10,000
Kutagira aho gukarabira mu mutwe habugenewe	Kuhateganya	10,000
Kutagira ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira icyobo cyabugenewe cyo gushyiramo amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ibikoresho bya salon bihagije kandi bifite isuku	Kubishaka	10,000
Kutagira icyuma gisukura imashini zogosha (sterilisateur)	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukoresha abakozi batapimwe indwara zanduza na muganga nibura rimwe mu mezi ane	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira icyangombwa kiguha uburenganzira bwo gukora umurimo wa saloon	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**5. IKIDENDEZI CYO KOGERAMO (SWIMMING POOL)**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Kuba ibipimo by'ubujyakuzimu bitagaragara	Kubigaragaza	10,000
Ibyuma byubakishije bigwa umugese	Kubihindura	10,000
Kuba nta muyoboro uzegurutswe ubuza andi mazi gutemberamo	Kuwushyiraho	10,000
Kutagira uruhushya rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutubahiriza ibipimo bya Cl na P <sup>H</sup>	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukoresha imiti itemewe muri pisine	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuba amazi ariho imyanda ireremba	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kuba akayunguruzo k'amazi katarimo gukora (continuous filtration)	Kubikosora	10,000
Kutagira umukozi uhoraho ubihugukiwe ukurikirana ubwandu bw'amazi (kuba afite nibura impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye mu binyabuzima n'ubutabire n'amahugurwa ku by'ikidendezi cyo kogeramo)	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira aho gukarabira mbere yo koga	Kuhashyiraho	10,000
Kudahindura amazi nkuko bisabwa	Kuyahindura	10,000

**6. AHO IMODOKA ZINYWERA AMAVUTA**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Kutagira ubwiherero busukuye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira pavoma n'ubusitani /hari igitaka	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira igikoresho cyo gushyiramo imyanda ikomeye cyabugenewe	Kugishyiraho	10,000
Kutagira ibikoresho cyo kuzimya umuriro	Kubishyiraho	10,000
Kutagirana amasezerano n'ishyirahamwe ritwara imyanda	Kuyishyiraho	10,000
Kutagira umukozi uhugukiwe n'ibyho kurwanya inkongi	Kumushyiraho	10,000

**7. AHAKORERWA IMIGATI**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Kutagirauruhushya rutagwa n'urwego rubifitiye ububasha	Guhagarikwa	10,000
Inzu itagira uruhushya rwo gukorerwamo rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha	Guhagarikwa	10,000
Inzu idafite ubuhumekero n'urumuri bihagije	Kubishyiraho	10,000
Inzu idafite isuku hasi, ku nkuta no ku gisenge	Gusukura	10,000
Kutagira amazi ashyushye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira uburyo bwo gukumira no guhangana n'inkongi y'umuriro	Kubushyiraho	10,000
Kutagira uburyo bwo kubika amazi no gufata amazi y'imvura	Kubushyiraho	10,000
Kutagira aho bashyira imigati mu bifuniko byabugenewe	Kuhashyiraho	10,000
Kutagira ahavangirwa ifarini habigenewe	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira urwambariro rw'abakozi	Kurushyiraho	10,000
Kutagira igikoresho kijyamo imyanda gipfunduzwa ikirenge	Kugishyiraho	10,000
Kutagira ahabikwa ifarini n'ibindi bikoresho by'imigati hatagera ubuhehere (humidity)	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagirana amasezerano na sosiyete itwara imyanda	Kuyishyiraho	10,000
Kutagira ubwiherero bw'abagabo n'ubw'abagore busukuye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwogero butandukanye ku bagore n'abagabo	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwishingizi bw'impanuka ku bakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Abakozi batambaye imyambaro y'akazi	kuyambara	10,000
Abakozi batasuzumwe indwara zanduza	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**8. AMABANKI N'IBIGO BYIGENGA**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Kutagira ubwiherero cyangwa gufunga ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000



**9. IMASHINI ITUNGANYA AMATA**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Gukora imirimo yo gutunganya amata utabifitiye uburenganzira	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukora imirimo yo gutunganya amata utagira imashini iteka amata	Kuyishaka	10,000
Gucuruza amata yangiritse	Kuyabikira/ kuyabogora	10,000
Kutagira icyuma gikonjesha cyo kubikamo amata mu cyumba cyabugenewe	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira «lactometre» yo gupima ko nta bintu bindi byavanzwe n'amata (amazi n'ibindi)	Kuyishaka	10,000
Kutagira isuku y'ibikoresho	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira icyobo cy'amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukoresha abakozi batapimwe indwara zanduza na muganga	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**10. AHO BACURURIZA AMATA**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
gukora ubucuruzi bw'amata udafite uburenganzira butangwa n'Umurenge	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukora ubucuruzi bw'amata mu nyubako itujuje ibyangombwa	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira icyuma cyo guterekamo amata kandi cyiyakonjesha	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gucuruza amata yangiritse	Kuyabogora	10,000
Kutagira amazi ahagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira igitebo cyo kumenamo imyanda (Poubelle)	Kugishaka	10,000
Kutagira isuku y'ibikoresho, isuku y'abakozi n'aho bakorera	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira imiyoboro y'amazi yanduye n'ay'invura hamwe n'ibyobo by'amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Gukoresha abakozi batapimwe na muganga indwara zanduza	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**11. AHAKORERWA IMIRIMO YO GUSYA IMYAKA**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU</b>
Gukoresha imashini nta burenganzira butangwa n'urwego rubishinzwe	Guhagarikwa	10,000
Gukoreshereza imashini mu nyubako itujuje ibyangombwa	Guhagarikwa	10,000
Kubika imyaka yo gusya hasi ku butaka	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira aho kwiyuhagirira n'aho gukarabira	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira amazi ahagije	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira imiyoboro y'amazi y'imvura n'icyobo cy'amazi mabi	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira umwambaro w'akazi na masque by'abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Kutagira urwambariro rw'abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000
Gukoresha abakozi batapimwe na muganga indwara zanduza	Guhagarikwa by'agateganyo	10.000

**12. INGANDA**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
<b>Kutagira:</b>		10,000
Kutagira occupational permit	Guhagarikwa	10,000
Uburenganzira bwo gukora uruganda	Guhagarikwa	10,000
Amazi ahagije	Kuyashyiraho	10,000
Ubwiherero buhagije bw'abagabo n'abagore kandi buhorana isuku	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Uburyo bwo gufata amazi y'imvura	Kubushyiraho	10,000
Uburyo bwo gutunganya amazi yanduye	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Ibikoresho byo gushyiramo imyanda byabugenewe	Kubushyiraho	10,000
Uburyo bwihariye bwo gucunga imyanda y'uruganda	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Uburyo bwo gukumira no kurwanya inkongi	Kubushyiraho	10,000

**Official Gazette n° 10 of 05/03/2018**

<b>Kutuzuzwa iby'abakozi</b>		
Imyambaro y'akazi yabugenewe kandi bakayambara igihe cyose bari mu kazi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kudaha abakozi amata y'inka nibura litiro imwe ku munsu	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Ubwishingizi bw'impanuka n'ubundi burwayi bwakomoka ku murimo akora ku bakozi bafatiwe n'umukoresha	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kwipimisha indwara zanduzwa buri mezi ane	Kubapimisha	10,000

**13. IBARIZO**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Gukora imirimo y'ibarizo nta burenganzira ufite bwa Minisiteri ifite inganda mu nsingano zayo	Guhagarikwa	10,000
Gukorera imirimo yo kubaza mu nyubako iri hagati mu mazu atuwemo	Guhagarikwa	10,000
Kutagira ubwiherero cyangwa gufunga ubwiherero	Guhagarikwa	10,000
Kutagira imiyoboro y'amazi y'imvura	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira igitebo cy'imyanda kutagira aho kurunda imyanda y'ibarizo	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Abakozi batapimwe na muganga	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kudaha abakozi amata	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira ibikoresho birinda abakozi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**14. IGARAJI**

<b>AMAKOSA</b>	<b>ICYEMEZO CYAFATWA</b>	<b>AMAHAZABU (Frw)</b>
Gukorera imirimo y'igaraji ahatujuje ibyangombwa	Guhagarikwa	10,000
Gukorera ahatari amazi	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

**Official Gazette n° 10 of 05/03/2018**

Kutagira Ubwiherero cyangwa gufunga ubwiherero	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira agasanduku k'imiti y'ibanze	Kugashyiraho	10,000
Kutagira imiyoboro y'amazi y'imvura n'icyobo cy'amazi mabi akoreshwa muri garaji	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000
Kutagira umwambaro w'abakozi	Kuwushaka	10,000
Kutagira ibikoresho byabugenewe birinda abakozi ku mubiri (agapfuka munwa, goggles, udupfuka ntoki)	Kubishaka	10,000
Kutagira ibikoresho bizimya umuriro	Guhagarikwa by'agateganyo	10,000

Bikorewe, Kigali kuwa 15/09/2016

(sé)  
**RUTABINGWA Athanase**  
Umuyobozi w'Inama Njyanama  
y'Umujyi wa Kigali

(sé)  
**GAFARANGA Brigitte**  
Umunyamabanga w'Inama Njyanama  
y'Umujyi wa Kigali

-----  
**Icyitonderwa: Aya mabwiriza arakosora ayasohotse mu Igazeti ya Leta n° 46 yo ku wa 14/11/2016**

**ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI**  
**BW'UMURYANGO USHINGIYE KU IDINI**  
**N° 31/RGB/RBO/2015**

Dushingiye ku Itegeko n° 06/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini, cyane cyane mu ngingo zaryo za 21 na 22;

Tumaze gusuzuma ubusabe bwawo tugasanga wujuje ibisabwa kugira ngo Umuryango ushingiyeye ku idini uhabwe ubuzimagatozi;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango ***LES PERES BENEDICTINS DE GIHINDAMUYAGA***.

Bikorewe i Kigali, ku wa 21/10/2015

(sé)  
**Prof. SHYAKA Anastase**  
**Umuyobozi Mukuru**

**Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR RELIGIOUS BASED ORGANIZATION**

**Name of Organization: LES PERES BENEDICTINS DE GIHINDAMUYAGA**

**Head Quarters/ Address: HUYE DISTRICT/MBAZI SECTOR**

**The Legal Representative: MWANAFUNZI GILBERT**

**The First Deputy Legal Representative: FURERE EMMANUEL**

**The Second Deputy Legal Representative: RUSENGAMIHIGO DONAT**

**Legal Personality n°: 31/RGB/RBO/ 2015**

**Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD**

**Date of issue: on: 21/10/2015**

**Type of Organization: RBO**

**Mission: EVANGELISM AND TO PROMOTE SOCIAL WELFARE**

**(sé)  
Dr KAITESI Usta  
Deputy CEO**

**ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya **TWONGIRWE Bosco** yakiriwe ku wa 30/01/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

**Yemeje ko:**

Bwana **TWONGIRWE Bosco**, utuye mu Mudugudu wa Kamahwa, Akagari ka Nyarutarama, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ubarizwa kuri telephone 0788770701; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe **MURANGIRA Jean Bosco**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 21/02/2018

(sé)

**KABONEKA Francis**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KAYITESI MELYSA  
RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa **KAYITESI Melysa**, mwene GASANA Vincent na MUKAYISENGA Jeanne Françoise utuye mu Mudugudu wa Rwampara, Akagari ka Mumena, Umurenge wa Nyamirambo, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **GASANA** mu mazina asanganywe KAYITESI Melysa akitwa **KAYITESI GASANA Melysa** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina **GASANA** ari izina rya se yifuza kwitwa mu rwego rwo kubungabunga izina ry'umuryango; ndetse akaba yararyongeye mu byangombwa bye bitandukanye bitanyuze mu nzira zemewe n'amategeko;

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **GASANA** mu mazina asanganywe KAYITESI Melysa akitwa **KAYITESI GASANA Melysa** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NTAWUMENYUMUNSI IDUHIRE  
CHRISTINE RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NTAWUMENYUMUNSI IDUHIRE Christine, mwene NZAMURAGANDE na NTIBARINGANIRA utuye mu Mudugudu wa Butakanyundo, Akagari ka Rubindi, Umurenge wa Gatagara, Akarere ka Musanze, mu Ntara y'Amajyaruguru;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe NTAWUMENYUMUNSI IDUHIRE Christine akitwa **IDUHIRE Christine**.

Icyo yasabye ni ugukura izina NTAWUMENYUMUNSI mu mazina asanganywe NTAWUMENYUMUNSI IDUHIRE Christine agasigarana IDUHIRE Christine mu Irangamimerere ye.

Impamvu atanga ni uko izina NTAWUMENYUMUNSI rimutera ipfunwe mu bandi.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gukura izina NTAWUMENYUMUNSI mu mazina asanganywe NTAWUMENYUMUNSI IDUHIRE Christine bityo akitwa **IDUHIRE Christine** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.



**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KAYUMBA Patrick RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa **KAYUMBA Patrick**, mwene KAYUMBA Claver na MUREBWAYIRE Odette utuye mu Gihugu cya *Danemark*, mu Rwanda akaba abarizwa mu Mudugudu wa Gashyitsi, Akagari ka Rukiri I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina KAYUMBA, izina **KAYITARE** no kongera izina **Jean** mu mazina asanganywe KAYUMBA Patrick akitwa **KAYITARE Jean Patrick**. mu Irangamimerere

Impamvu atanga ni uko **KAYUMBA Patrick** yagiye mu Gihugu cya *Danemark* gushaka ubuzima biza kuba ngombwa ko ahindura amwe mu mazina ye kugira ngo abashe kubaho.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina KAYUMBA, izina **KAYITARE** no kongera izina **Jean** mu mazina asanganywe KAYUMBA Patrick bityo akitwa **KAYITARE Jean Patrick**. mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA UMURERWA Angélique RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa **UMURERWA Angélique**, mwene MUNYABUHHORO Joseph na UWANTEGE utuye mu Mudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone n° 0784807362 na 0788695617/0783055794;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina UMURERWA, izina **MUNYABUHHORO** mu mazina asanganywe UMURERWA Angélique akitwa **MUNYABUHHORO Angélique** mu Irangamimerere

Impamvu atanga ni uko izina **MUNYABUHHORO** ari izina rya se utakiriho akaba ashaka kuryitwa mu rwego rwo kugira ngo ritazibagirana.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina UMURERWA, izina **MUNYABUHHORO** mu mazina asanganywe UMURERWA Angélique bityo akitwa **MUNYABUHHORO Angélique** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA RIZINDE UWAMURERA MUJAHIDA  
RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa RIZINDE UWAMURERA MUJAHIDA, atuye mu Mudugudu wa Muhoza, Akagari ka Cyivugiza, Umurenge wa Nyamirambo, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe RIZINDE UWAMURERA MUJAHIDA agasimbuza izina MUJAHIDA izina **Laica** mu mazina asanganywe, RIZINDE UWAMURERA MUJAHIDA, akitwa **RIZINDE UWAMURERA Laica** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina MUJAHIDA risigaye rikoresha mu bikorwa by'iterabwoba aho abarikoresha biyita MUJAHIDA, iyi nyito ikaba ifite aho ihuriye n'izina rye MUJAHIDA;

Indi mpamvu ni uko izina asanzwe yitwa MUJAHIDA, rikoresha muri ubwo buryo bimutera ipfunwe, bikaba bibangamiye imyemerere ye, umutekano we ndetse n'ubuzima bwe muri rusange.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MUJAHIDA izina **Laica** mu mazina asanganywe, RIZINDE UWAMURERA MUJAHIDA, bityo akitwa **RIZINDE UWAMURERA Laica** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA SEMASAKA Eriel RUSABA  
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **SEMASAKA Eriel**, mwene GISANINYANGE Yohana na NIYONSABA Béatrice, atuye mu Mudugudu wa Rindiro, Akagari ka Kibagabaga, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe SEMASAKA Eriel akayasimbuza amazina **IMANIRAFASHA Samuel** akitwa **IMANIRAFASHA Samuel** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko amazina SEMASAKA Eriel yayiswe yari aya sekuru, uyu akaba yaranzwe n'ingeso mbi cyane y'ubugome (kuroga), akaba amaze igihe kirekire abana n'ipfunwe aterwa n'ayo mazina kuko abayumvise bose bibuka sekuru n'iyi ngeso ye, kuva yiga amashuri abanza, mu rungano rwe ndetse no mu baturanyi kugeza ubu bikaba bibangamiye icyubahiro cye.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza amazina asanganywe SEMASAKA Eriel akayasimbuza amazina **IMANIRAFASHA Samuel** bityo akitwa **IMANIRAFASHA Samuel** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA RWEGO GASANA Charles RUSABA  
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **RWEGO GASANA Charles**, mwene GASANA Didas na NYIRABASARE Edith, atuye mu Mudugudu wa Rurimbi, Akagari ka Kabare, Umurenge wa Rwempasha, Nyagatare, mu Ntara y'Iburasirazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gukura izina RWEGO no gusimbuza izina Charles, izina **Ivan** mu mazina asanganywe RWEGO GASANA Charles akitwa **GASANA Ivan** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko yagiye kwiga mu Gihugu cya Uganda akiri umwana muto aho yatangiye kwiga yitwa GASANA Ivan, aza gukomereza mu Rwanda kuri aya mazina, ariko indangamuntu ye iza yanditsemo amazina RWEGO GASANA Charles, asanga ibyangombwa by'amashuri bizanyuranya amazina n'ibyangombwa by'Irangamimerere.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gukura izina RWEGO no gusimbuza izina Charles, izina **Ivan** mu mazina asanganywe RWEGO GASANA Charles bityo akitwa **GASANA Ivan** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KINANI Delphine RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

